

ITEGEKO N° 49/2008 RYO KUWA
09/09/2008 RIGENA IMITERERE,
IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE
BY' ISHURI RIKURU RY'UBUHINZI
N'UBWOROZI (ISAE)

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

UMUTWE WA II: INYITO, ICYICARO
N'INTEGO

Ingingo ya 2: Inyito

Ingingo ya 3 : icyicaro

Ingingo ya 4: Intego

UMUTWE WA III: IBISOBANURO
BY'AMAGAMBO

Ingingo ya 5: Ibisobanuro by'amagambo

UMUTWE WA IV: INSHINGANO
N'UBUBASHA BYA ISAE

Ingingo ya 6: Inshingano za ISAE

LAW N° 49/2008 OF 09/09/2008
GOVERNING THE STRUCTURE,
ORGANISATION AND FUNCTIONING OF
THE HIGHER INSTITUTE OF
AGRICULTURE AND ANIMAL
HUSBANDRY (ISAE)

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

CHAPTER II: DENOMINATION, HEAD
OFFICE AND MISSION

Article 2: Denomination

Article 3: Head office

Article 4: Mission

CHAPTER III: DEFINITIONS OF TERMS

Article 5: Definitions

CHAPTER IV: RESPONSIBILITIES AND
POWERS OF ISAE

Article 6: Responsibilities of ISAE

LOI N° 49/2008 DU 09/09/2008 PORTANT
ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT
DE L'INSTITUT SUPERIEUR
D'AGRICULTURE ET D'ELEVAGE (ISAE)

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

CHAPITRE II: DENOMINATION, SIEGE
ET MISSION

Article 2: Dénomination

Article 3: Siège

Article 4: Mission

CHAPITRE III: DEFINITIONS DES
TERMES

Article 5: Définitions

CHAPITRE IV: ATTRIBUTIONS ET
COMPETENCES D'ISAE

Article 6: Attributions de l'ISAE

| | | |
|--|--|--|
| <u>Ingingo ya 7: Ububasha bwa ISAE</u> | <u>Article 7: Powers of ISAE</u> | <u>Article 7: Compétences de l'ISAE</u> |
| <u>UMUTWE WA V: UBWISANZURE N'IMIKORERE BYA ISAE</u> | <u>CHAPTER V: AUTONOMY AND FUNCTIONING OF ISAE</u> | <u>CHAPITRE V: AUTONOMIE ET FONCTIONNEMENT DE L'ISAE</u> |
| <u>Icyiciro cya mbere: Ubwisanzure bwa ISAE</u> | <u>Section One: Autonomy of ISAE</u> | <u>Section première: Autonomie de l'ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 8: Ubwisanzure bwa ISAE</u> | <u>Article 8: Autonomy of ISAE</u> | <u>Article 8: Autonomie de l'ISAE</u> |
| <u>Icyiciro cya 2: Imikorere ya ISAE</u> | <u>Section 2: Functioning of ISAE</u> | <u>Section 2: Fonctionnement de l'ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 9: Politiki y'uburezi ya ISAE</u> | <u>Article 9: Education policy of ISAE</u> | <u>Article 9: Politique d'éducation de l'ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 10: Urwego rureberera ISAE</u> | <u>Article 10: Supervising Authority of ISAE</u> | <u>Article 10: Organe de tutelle de l'ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 11: Ibikubiye mu masezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa</u> | <u>Article 11: Contents of the contract of performance</u> | <u>Article 11: Contenu du contrat de performance</u> |
| <u>UMUTWE WA VI: INZEGO Z'UBUYOBOZI ZA ISAE</u> | <u>CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE ORGANS OF ISAE</u> | <u>CHAPITRE VI: ORGANES D'ADMINISTRATION DE L'ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 12: Inzego z'ubuyobozi</u> | <u>Article 12: Administrative organs</u> | <u>Article 12: Organes d'Administration</u> |
| <u>Icyiciro cya mbere: Inama y' Ubuyobozi ya ISAE</u> | <u>Section One: Board of Directors of ISAE</u> | <u>Section première: Conseil d'Administration de l'ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 13: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi ya ISAE</u> | <u>Article 13: Competence of the Board of Directors of ISAE</u> | <u>Article 13: Compétence du Conseil d'Administration de l'ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 14: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya ISAE</u> | <u>Article 14: Members of the Board of Directors of ISAE</u> | <u>Article 14: Membres du Conseil d'Administration de l'ISAE</u> |

| | | |
|--|---|--|
| <u>Ingingo ya 15:</u> Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya ISAE | <u>Article 15:</u> Responsibilities of the Board of Directors of ISAE | <u>Article 15:</u> Attributions du Conseil d'Administration de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 16:</u> Iterana ry'Inama y'Ubuyobozi | <u>Article 16:</u> Holding of the meeting of the Board of Directors | <u>Article 16:</u> Tenue de la réunion du Conseil d'Administration |
| <u>Ingingo ya 17:</u> Ubutumire bw'Inama y'Ubuyobozi | <u>Article 17:</u> Invitations of the Board of Directors | <u>Article 17:</u> Invitation du Conseil d'Administration |
| <u>Ingingo ya 18:</u> Bimwe mu byigwa n'inama y'Inama y'ubuyobozi n'uburyo ifata ibyemezo | <u>Article 18:</u> Certain items examined by the Board of Directors and the modalities of making decisions | <u>Article 18:</u> Certains points à l'ordre du jour du Conseil d'Administration et les modalités de prise de décisions |
| <u>Ingingo ya 19:</u> Itumirwa mu nama z'Inama y'Ubuyobozi ry'umuntu ushobora kuyunganira | <u>Article 19:</u> Invitation of a resourceful person to the Board of Directors meetings | <u>Article 19:</u> Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration |
| <u>Ingingo ya 20:</u> Inyandiko mvugo z'Inama y'Ubuyobozi | <u>Article 20:</u> The minutes of the Board of Directors | <u>Article 20:</u> Procès-verbaux du Conseil d'Administration |
| <u>Ingingo ya 21:</u> Impamvu zo kuva mu Nama y'Ubuyobozi | <u>Article 21:</u> Reasons for vacating the Board of Directors | <u>Article 21:</u> Causes de perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration |
| <u>Ingingo ya 22:</u> Ishyirwaho ry'amatsinda yihariye y'Inama y'Ubuyobozi | <u>Article 22:</u> Establishment of specialised committees of the Board of Directors | <u>Article 22:</u> Création des groupes spécialisés au sein du Conseil d'Administration |
| <u>Icyiciro cya 2:</u> Sena Akademiki ya ISAE | <u>Section 2:</u> Academic Senate of ISAE | <u>Section 2:</u> Sénat académique de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 23:</u> Ububasha bwa Sena Akademiki ya ISAE | <u>Article 23:</u> Competence of the Academic Senate of ISAE | <u>Article 23:</u> Compétence du Sénat académique de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 24:</u> Abagize Sena Akademiki ya ISAE na manda yabo | <u>Article 24:</u> Members of the academic Senate of ISAE and their term of office | <u>Article 24:</u> Membres du Sénat académique de l'ISAE et leur mandat |

| | | |
|---|--|---|
| <u>Ingingo ya 25:</u> Ishyirwaho ry'Umwanditsi wungirije wa Sena Akademiki ya ISAE | <u>Article 25:</u> Appointment of the Deputy Rapporteur of the Academic Senate of ISAE | <u>Article 25:</u> Nomination d'un Rapporteur Adjoint du Sénat académique de l' ISAE |
| <u>Ingingo ya 26:</u>Itumirwa ry'undi muntu mu nama za Sena Akademiki ya ISAE | <u>Article 26:</u> Invitation of any person to the meetings of the Academic Senate of ISAE | <u>Article 26:</u> Invitation d'une autre personne aux réunions du Sénat académique de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 27:</u> Inshingano za Sena Akademiki ya ISAE | <u>Article 27:</u> Duties of the Academic Senate of ISAE | <u>Article 27 :</u> Attributions du Sénat académique de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 28:</u> Gushyiraho amatsinda yihariye ya Sena Akademiki ya ISAE | <u>Article 28:</u> Establishment of specialised committees of the Academic Senate of ISAE | <u>Article 28:</u> Création des comités spécialisés au sein du Sénat académique de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 29:</u> Iterana ry'Inama za Sena Akademiki ya ISAE | <u>Article 29:</u> Meetings of the Academic Senate of ISAE | <u>Article 29 :</u> Tenue des réunions du Sénat académique de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 30:</u> Gufata ibyemezo | <u>Article 30:</u> Decision making | <u>Article 30 :</u> Prise de décisions |
| <u>Icyiciro cya 3:</u> Inama Nshingwabikorwa | <u>Section 3:</u> Executive Council | <u>Section 3 :</u> Conseil Exécutif |
| <u>Ingingo ya 31:</u> Abagize inama Nshingwabikorwa | <u>Article 31:</u> Members of the Executive Council | <u>Article 31 :</u> Membres du Conseil Exécutif |
| <u>Ingingo ya 32:</u> Inshingano z'Ubuyobozi Nshingwa bikorwa | <u>Article 32:</u> Responsibilities of the Executive Council | <u>Article 32:</u> Attributions du Conseil Exécutif |
| <u>Icyiciro cya 4:</u> Inama z'amashami, iz'amashuri n'iz'Ibigo byihariye bishamikiye kuri ISAE | <u>Section 4:</u> Council of the Faculties, Schools and specialised Centers affiliated to ISAE | <u>Section 4 :</u> Conseils de facultés, d'écoles et de centres spécialisés attachés à l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 33:</u> Abagize inama z'amashami, iz'amashuri n'iz'ibigo byihariye bishamikiye kuri ISAE | <u>Article 33:</u> Council members of Faculties, Schools and specialised Centers affiliated to ISAE | <u>Article 33 :</u> Membres des Conseils de facultés, d'écoles et de centres spécialisés de l'ISAE |

| | | |
|--|---|--|
| <u>Ingingo ya 34:</u> Imiterere n'imikorere by'ishami, by'ishuri n'iby'ikigo gishamikiye kuri ISAE n'iby'udushami | <u>Article 34:</u> Organisation and the functioning of the Faculty, School and the Centre affiliated to ISAE and departments | <u>Article 34:</u> Organisation et fonctionnement de la faculté, de l'école et du centre attaché à l'ISAE et des départements |
| <u>UMUTWE WA VII: UBUYOBOZI BWA ISAE</u> | <u>CHAPTER VII: MANAGEMENT OF ISAE</u> | <u>CHAPITRE VI: DIRECTION DE L'ISAE</u> |
| <u>Icyiciro cya mbere: Umuyobozi wa ISAE</u> | <u>Section One: Rector of ISAE</u> | <u>Section première : Recteur de l'ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 35:</u> Ishyirwaho ry'Umuyobozi wa ISAE | <u>Article 35:</u> Appointment of the Rector of ISAE | <u>Article 36 :</u> Nomination du Recteur de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 36:</u> Inshingano z'Umuyobozi wa ISAE | <u>Article 36:</u> Duties of the Rector of ISAE | <u>Article 37 :</u> Attributions du Recteur del'ISAE |
| <u>Ingingo ya 37:</u> Inshingano z'Umuyobozi wa ISAE mu bihe byihutirwa | <u>Article 37:</u> Duties of the Rector of ISAE in emergency cases | <u>Article 37:</u> Attributions du Recteur de l'ISAE en cas d'urgence |
| <u>Icyiciro cya 2: Abayobozi bungirije ba ISAE</u> | <u>Section 2: Vice Rectors of ISAE</u> | <u>Section 2 : Vice-Recteurs de l'ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 38:</u> Uruhare rw'abayobozi bungirije ba ISAE | <u>Article 38:</u> Role of Vice Rectors of ISAE | <u>Article 38 :</u> Rôle des Vice-Recteurs de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 39:</u> Ishyirwaho ry'Abayobozi bungirije ba ISAE | <u>Article 39:</u> Appointment of Vice Rectors of ISAE | <u>Article 39:</u> Nomination des Vice-Recteurs de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 40:</u> Ibyiciro by'abayobozi bungirije ba ISAE | <u>Article 40:</u> Categories of Vice Rectors of ISAE | <u>Article 40:</u> Catégories des Vice-Recteurs de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 41:</u> Inshingano z'Umuyobozi wungirije wa ISAE ushinzwe inyigisho n'uburere | <u>Article 41:</u> Duties of the Vice Rector of ISAE in charge of Academic and Educational Affairs | <u>Article 41:</u> Attributions du Vice-Recteur de l'ISAE chargé des affaires académiques et éducationnelles |

| | | |
|---|--|---|
| <u>Ingingo ya 42:</u> Inshingano z'Umuyobozi wungirije wa ISAE ushinzwe ubuyobozi n'imari | <u>Article 42:</u> Duties of the Vice-Rector of ISAE in charge of Administration and Finance | <u>Article 42:</u> Attributions du Vice-Recteur Administratif et Financier de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 43:</u> Inshingano z'Umuyobozi wa ISAE ushinzwe Ubushakashatsi | <u>Article 43:</u> Duties of the Vice-Rector of ISAE in charge of Research | <u>Article 43:</u> Attributions du Vice-Recteur de l'ISAE chargé de la recherche |
| <u>Icyiciro cya 3:</u> Abayobozi b'amashami, ab'amashuri n'ibigo byihariye bishamikiye kuri ISAE | <u>Section 3:</u> Deans of Faculties, Directors of schools and specialised centers of ISAE | <u>Section 3:</u> Doyens de facultés, Directeurs d'écoles et de centres spécialisés attachés à l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 44:</u> Uko Umuyobozi w'ishami, uw' ishuri n'Umuyobozi w'ikigo cyihariye gishamikiye kuri ISAE bajyaho | <u>Article 44:</u> Appointment of the Dean of the Faculty, Director of the School and of the specialised centre affiliated to ISAE | <u>Article 44:</u> Election du Doyen de faculté, du Directeur d'école et du centre spécialisé attaché à l'ISAE |
| <u>Icyiciro cya 4:</u> Abayobozi b'Udushami | <u>Section 4:</u> Heads of Departments | <u>Section 4 :</u> Chefs des Départements |
| <u>Ingingo ya 45:</u> Itorwa ry'Umuyobozi w'agashami | <u>Article 45:</u> Election of the Head of Department | <u>Article 45:</u> Election du Chef de département |
| <u>Ingingo ya 46:</u> Inshingano z'Umuyobozi w'ishami, umuyobozi w'ishuri n'Umuyobozi w'ikigo cyihariye gishamikiye kuri ISAE n'Umuyobozi w'agashami | <u>Article 46:</u> Responsibilities of the Dean of the Faculty, Director of the School and the Director of the specialised centre affiliated to ISAE and the Head of Department | <u>Article 46:</u> Attributions du Doyen de faculté, du Directeur d'école, de Centre spécialisé attaché à l'ISAE et du Chef de département |
| <u>UMUTWE WA VIII : ABAKOZI BA ISAE</u> | <u>CHAPTER VIII: PERSONNEL OF ISAE</u> | <u>CHAPITRE VIII: PERSONNEL DE L'ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 47:</u> Ibyiciro by'abakozi ba ISAE | <u>Article 47:</u> Categories of the personnel of ISAE | <u>Article 47:</u> Catégories du personnel de l'ISAE |

Icyiciro cya mbere: Abarimu n'abashakashatsi

Ingingo ya 48: Inshingano z'abarimu n'abashakashatsi

Ingingo ya 49: Ishyirwaho, izamurwa mu ntera cyangwa ivanwa ku mirimo by'abarimu n'abashakashatsi ba ISAE

Ingingo ya 50: Inshingano z'abarimu n'abashakashatsi

Ingingo ya 51: Uburenganzira bw'abarimu n'abashakashatsi

Icyiciro cya 2: Abakozi bo mu buyobozi na tekini n'abakozi bunganira

Ingingo ya 52: Abakozi bo mu buyobozi na tekini

Ingingo ya 53: Abakozi bunganira

Ingingo ya 54: Uburenganzira n'inshingano by'abakozi bo mu buyobozi na tekini n'iby'abakozi bunganira

Ingingo ya 55: Imikorere n'imikoranire y'abakozi bunganira

Icyiciro cya 3: Isuzumamikorere

Section One: Teaching and Research staff

Article 48: Responsibilities of the teaching and research staff

Article 49: Appointment, promotion or dismissal from duties of the teaching and research staff of ISAE

Article 50: Responsibilities of teaching and research staff

Article 51: Rights of the teaching and research staff

Section 2: Administrative, technical and support staff

Article 52: Administrative and technical staff

Article 53: Support staff

Article 54: Rights and responsibilities of the administrative and technical and support staff

Article 55: Performance and relations between the supporting staff

Section 3: Staff evaluation

Section première : Personnel enseignant et de recherche

Article 48: Attributions du personnel enseignant et de recherche

Article 49: Nomination, promotion ou révocation des membres du personnel enseignant et de recherche de l'ISAE

Article 50: Attributions des membres du personnel enseignant et de recherche

Article 51 : Droits du personnel enseignant et de recherche

Section 2: Personnel administratif et technique et personnel d'appui

Article 52: Personnel administratif et technique

Article 53 : Personnel d'appui

Article 54 : Droits et attributions du personnel administratif et technique et du personnel d'appui

Article 55 : Performance et relations entre le personnel d'appui

Section 3 : Evaluation des performances

| | | |
|---|---|---|
| <u>Ingingo ya 56:</u> Isuzumamikorere ry'abarimu n'abashakashatsi | <u>Article 56:</u> Evaluation of the teaching and research staff | <u>Article 56 :</u> Evaluation des performances du personnel enseignant et de recherche |
| <u>Ingingo ya 57:</u> Inzego z'isuzumamikorere ry'abarimu n'abashakashatsi | <u>Article 57:</u> Evaluation organs of the teaching and research staff | <u>Article 57:</u> Organes d'évaluation du personnel enseignant et de recherche |
| <u>Ingingo ya 58:</u> Isuzumamikorere ry'abakozi ba ISAE batari abarimu cyangwa abashakashatsi | <u>Article 58:</u> Evaluation of non-teaching and research staff of ISAE | <u>Article 58 :</u> Evaluation du personnel de l'ISAE qui n'est ni enseignant ni chercheur |
| <u>UMUTWE WA IX: ABANYESHURI BA ISAE</u> | <u>CHAPTER IX: STUDENTS OF ISAE</u> | <u>CHAPITRE IX: ETUDIANTS DE L'ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 59:</u> Umunyeshuri wa ISAE | <u>Article 59:</u> Student of ISAE | <u>Article 59 :</u> Etudiant de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 60:</u> Ibyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwiga muri ISAE | <u>Article 60:</u> Admission requirements of ISAE | <u>Article 60 :</u> Conditions d'admission à l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 61:</u> Inshingano n'uburenganzira by'umunyeshuri wo muri ISAE | <u>Article 61:</u> Duties and rights of a student of ISAE | <u>Article 61:</u> Obligations et droits d'un étudiant de l'ISAE |
| <u>UMUTWE X: UMUTUNGO WA ISAE</u> | <u>CHAPTER X: ASSETS OF ISAE</u> | <u>CHAPITRE X: PATRIMOINE DE L' ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 62:</u> Ibigize umutungo wa ISAE n'aho ukomoka | <u>Article 62:</u> Composition and source of assets of ISAE | <u>Article 62:</u> Composition et source du patrimoine de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 63:</u> Iyemezwa n'icungwa ry'ingingo y'imari ya ISAE | <u>Article 63:</u> Approval and management of the budget of ISAE | <u>Article 63 :</u> Adoption et gestion du budget de l'ISAE |
| <u>Ingingo ya 64:</u> Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa ISAE | <u>Article 64:</u> Use, management and audit of the budget of ISAE | <u>Article 64:</u> Utilisation, gestion et audit du patrimoine de l'ISAE |

Ingingo ya 65: Ishora ry'imari ya ISAE mu mishinga ibyara inyungu

Article 65: ISAE investments in income generating projects

Article 65: Investissement des fonds de l'ISAE dans des projets générateurs de revenus

UMUTWE WA XI: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER XI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE XI: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 66: Perezida w'icyubahiro wa ISAE

Article 66: President of Honor of ISAE

Article 66: Président d'Honneur de l'ISAE

Ingingo ya 67: Uburenganzira bw'abakozi n'abanyeshuri ba ISAE mu gushinga amashyirahamwe muri ISAE

Article 67: Rights of staff and students of ISAE to form associations

Article 67: Droit de formation des associations au sein de l'ISAE par le personnel et les étudiants

Ingingo ya 68: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko

Article 68: Repealing of inconsistent provisions

Article 68: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 69: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 69: Commencement

Article 69 : Entrée en vigueur de la loi

ITEGEKO N° 49/2008 RYO KUWA 09/09/2008 RIGENA IMITERERE, IMITUNGANYIRIZE N'IMIKORERE BY'ISHURI RIKURU RY'UBUHINZI N'UBWOROZI (ISAE)

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA.

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 5 Gicurasi 2008;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 14 Werurwe 2008;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 40, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 118, iya 121, iya 183 n'iya 201;

LAW N° 49/2008 OF 09/09/2008 GOVERNING THE STRUCTURE, ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE HIGHER INSTITUTE OF AGRICULTURE AND ANIMAL HUSBANDRY (ISAE)

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA.

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session 5 May 2008;

The Senate, in its session of March 14, 2008;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date, especially in Articles 40, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 121, 183 and 201;

LOI N° 49/2008 DU 09/09/2008 PORTANT ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'INSTITUT SUPERIEUR D'AGRICULTURE ET D'ELEVAGE (ISAE)

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA.

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 5 mai 2008;

Le Sénat, en sa séance du 14 mars 2008;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 4 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 40, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118, 121, 183 et 201;

| | | |
|---|--|---|
| Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 14/2004 ryo ku wa 26/05/2004 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta, nk'uko ryavuguruwe kandi ryujujwe kugeza ubu; | Pursuant to Organic Law n° 14/2004 of 26/05/2004 establishing general provisions governing public institutions as modified and complemented to date; | Vu la Loi Organique n° 14/2004 du 26/05/2004 portant dispositions générales applicables aux établissements publics telle que modifiée et complétée à ce jour; |
| Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 20/2003 ryo ku wa 03/08/2003 rigena imiterere y'uburezi; | Pursuant to Organic Law n° 20/2003 of 03/08/2003 determining the organization of education; | Vu la Loi Organique n° 20/2003 du 03/08/2003 portant organisation de l'éducation; |
| Ishingiye ku Itegeko n° 22/2002 ryo ku wa 9/07/2002 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta; | Pursuant to Law n° 22/2002 of 9/07/2002 establishing general statutes governing Rwanda Public Service; | Vu la Loi n° 22/2002 du 9/07/2002 portant Statut Général de la Fonction Publique Rwandaise; |
| Ishingiye ku Itegeko n° 20/2005 ryo ku wa 20/10/2005 rishyiraho imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'Amashuri Makuru; | Pursuant to Law n° 20/2005 of 20/10/2005 governing the organization and functioning of Higher Education; | Vu la Loi n° 20/2005 du 20/10/2005 portant organisation et fonctionnement de l'Enseignement Supérieur; |
| Ishingiye ku Itegeko n° 23/2006 ryo ku wa 28/04/2006 rishyiraho Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru; | Pursuant to Law n° 23/2006 of 28/04/2006 establishing the National Council of Higher Education; | Vu la Loi n° 23/2006 du 28/04/2006 portant création du Conseil National de l'Enseignement Supérieur; |
| Isubiye ku Itegeko n° 26/2003 ryo ku wa 16/08/2003 rishyiraho kandi ritunganya Ishuri Rikuru ry'Ubuhanzi n'Ubworozi; | Having reviewed Law n° 26/2003 of 16/08/2003 establishing and organizing the Higher Institute of Agriculture and Animal Husbandry; | Revu la Loi n° 26/2003 du 16/08/2003 portant création et organisation de l'Institut Supérieur d'Agriculture et d'Élevage; |

YEMEJE :

ADOPTS:

ADOPTE:

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere by'Ishuri Rikuru ry'Ubuhanzi n'Ubworozi, ISAE mu magambo ahinnye y'Igifaransa.

**UMUTWE WA II. INYITO, ICYICARO
N'INTEGO**

Ingingo ya 2: Inyito

ISAE ni Ikigo cya Leta cyo mu rwego rw'Amashuri Makuru. ISAE ifite ubuzima gatozi n'ubwisanzure mu myigishirize n'ubushakashatsi, mu miyoborere no mu micungire y'imari n'abakozi bayo. ISAE igizwe n'amashuri, amashuri n'ibigo by'ubushakashatsi n'ibindi bigo binyuranye, bishinzwe ibikorwa biri mu nshingano zayo zivugwa mu ngingo ya 6 y'iri tegeko, byose bigizwe n'udushami.

Ingingo ya 3 : Icyicaro

Icyicaro cya ISAE kiri mu Karere ka Musanze mu Ntara y'Amajyaruguru. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Gihugu igihe bibaye ngombwa. ISAE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law determines the structure, organisation and the functioning of the Higher Institute of Agriculture and Animal Husbandry, ISAE as abbreviated in French.

**CHAPTER II: DENOMINATION, HEAD
OFFICE AND MISSION**

Article 2: Denomination

ISAE is a public Institute in the category of higher Institutions of learning. ISAE has legal personality and autonomy in education and research, administration and its management. ISAE comprises faculties, schools and research centres and other various centres in charge of activities contained in Article 6 of this Law, each is composed of departments.

Article 3: Head office

The head office of ISAE shall be located in the District of Musanze, in the Northern Province. It may be transferred elsewhere in the country if deemed necessary. ISAE may also have centres

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS
GENERALES**

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi détermine l'organisation et le fonctionnement de l'Institut Supérieur d'Agriculture et d'Élevage, ISAE en sigle.

**CHAPITRE II: DENOMINATION, SIEGE
ET MISSION**

Article 2: Dénomination

L'ISAE est un établissement public d'enseignement supérieur. Il est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie de recherche, académique, financière et administrative. ISAE est organisé en facultés, écoles et centres de recherches ainsi que d'autres centres dont les activités rentrent dans ses attributions visées à l'article 6 de la présente loi, chacun étant organisé en départements.

Article 3: Siège

Le siège de l'ISAE est établi dans le District de Musanze, Province du Nord. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda. L'ISAE

ishobora kandi kugira ibigo biyishamikiyeho n'amashami hirya no hino mu gihugu.

Ingingo ya 4: Intego

ISAE ifite inshingano yo gutanga inyigisho zo mu rwego rwo hejuru mu bijyanye n'ubuhinzi, ubworozi, amashyamba n'ibidukikije kandi igakora ubushakashatsi mu mashami anyuranye ku buryo abayigamo bagira ubumenyi ngiro butuma bagira uruhare mu gukemura ibibazo by'abaturage mu bijyanye n'inyigisho itanga.

UMUTWE WA III: IBISOBANURO BY'AMAGAMBO

Ingingo ya 5: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko amagambo akurikira afite ibi bisobanuro :

1°. **“Ikigo cy'ubushakashatsi cya ISAE”**: ikigo cya ISAE gishinzwe ubushakashatsi no gufasha abaturage mu gukemura ibibazo byabo. Kiyoborwa n'Umuyobozi wacyo ukuriwe n'Umuyobozi wungirije wa ISAE ushinze ubushakashatsi.

2°. **“Ishuri rya ISAE**: Ikigo gishamikiye kuri ISAE gishinzwe imyigishirize mu

and branches that are affiliated to it throughout the country.

Article 4: Mission

ISAE has the mission of offering high level courses and conducts research in various fields relating to agriculture, animal husbandry, forests and environment to the extent that its students may acquire practical knowledge which may help them assist the population in solving their problems.

CHAPTER III: DEFINITIONS OF TERMS

Article 5: Definitions of terms

Under this Law, the following terms have the following definitions:

1° **“ISAE Research Centre”**: a centre for ISAE in charge of research and assisting the population in solving their problems. It shall be headed by the Director of the centre supervised by the Vice-Rector of ISAE in charge of research.

2° **“The School of ISAE”**: a branch affiliated to ISAE in charge of offering

peut également avoir des branches et centres dans toute autre localité du territoire national.

Article 4: Mission

L'ISAE a pour mission de dispenser un enseignement supérieur en matière d'agriculture, d'élevage, de forêts et d'environnement et fait des recherches dans différents domaines de manière à ce que ses étudiants acquièrent les connaissances pratique leur permettant d'appuyer la population quant à la résolution de ses problèmes.

CHAPITRE III: DEFINITIONS DES TERMES

Article 5: Définitions des termes

Au sens de la présente loi, les termes repris ci-après ont la signification suivante :

1° **“Centre de recherche de l'ISAE”**: un établissement de l'ISAE chargé de recherche et d'appui à la population pour résoudre ses problèmes. Il est dirigé par un Directeur du centre supervisé par le Vice Recteur de l'ISAE chargé de la recherche.

2° **“Ecole de l'ISAE”**: un établissement de l'ISAE chargé de l'enseignement d'une

rwego rw'ubumenyi bwihariye. Kiyoborwa n'Umuyobozi wacyo ukuriwe n'Umuyobozi wungirije wa ISAE ushinzwe inyigisho.

3.° **“Ishami rya ISAE”**: ishami rishinzwe imyigishirize kandi ribikorera mu bwisanzure, rigatanga ubumenyi bunyuranye mu rwego rw'ubumenyi rwemewe. Ishami riyoborwa n'Umuyobozi w'ishami ukuriwe n'Umuyobozi wungirije wa ISAE ushinzwe inyigisho.

4° **“Agashami ka ISAE”**: urwego rw'ibanze mu ishami, mu ishuri cyangwa mu kigo. Agashami gashinzwe gutunganya imirimo y'inyigisho, iy'ubushakashatsi cyangwa yo gufasha abatwariye mu bibazo binyuranye hashingiwe ku nshingano za ISAE.

UMUTWE WA IV: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA ISAE

Ingingo ya 6: Inshingano za ISAE

Inshingano za ISAE ni izi zikurikira:

1° gutegura integanyanyigisho no gutanga inyigisho zo mu rwego rwo hejuru mu byerekeye ubuhinzi, ubworozi, amashyamba n'ibidukikije;

specialised educational courses. It shall be headed by the Director of the school and be supervised by the Vice-Rector of ISAE in charge of Academics Affairs.

3° **“Faculty of ISAE”**: an academic organ responsible for different sciences concerning recognised fields. The faculty is headed by the Dean supervised by the Vice-Rector in charge of Academic Affairs in ISAE.

4° **“Department of ISAE”**: a basic organ in the faculty, the school or in the centre. The department is in charge of designing curricula, research activities or assisting the population in various problems in consideration of the responsibilities of ISAE.

CHAPTER IV: RESPONSIBILITIES AND POWERS OF ISAE

Article 6: Responsibilities of ISAE

The responsibilities of ISAE are as follows :

1° to draft curricula and to provide courses of higher level in the fields of agriculture, animal husbandry, forestry and environment;

discipline particulière qui opère en toute indépendance. Elle est dirigée par un Directeur de l'école supervisé par le Vice-Recteur Académique de l'ISAE.

3° **“Faculté de l'ISAE”**: un organe chargé de l'enseignement académique dispensant diverses connaissances scientifiques au niveau d'une discipline reconnue. La Faculté est dirigée par un Doyen de la Faculté supervisé par le Vice-Recteur Académique de l'ISAE.

4° **“Département de l'ISAE”**: une unité de base de la faculté, de l'école ou du centre. Le département est chargé d'organiser les travaux académiques, de recherche ou d'appui à la population dans la recherche des solutions à ses problèmes variés suivant la mission de l'ISAE.

CHAPITRE IV: ATTRIBUTIONS ET COMPETENCES D'ISAE

Article 6: Attributions de l'ISAE

Les attributions de l'ISAE sont les suivantes :

1° développer les programmes et dispenser un enseignement supérieur dans le domaine agricole, forestier, de l'élevage et de l'environnement ;

- | | | |
|--|---|---|
| 2° guteza imbere ubushakashatsi mu byerekeye ubuhinzi, ubworozi, amashyamba n'ibidukikije; | 2° to promote agricultural, animal husbandry, forestry and environmental research; | 2° promouvoir la recherche dans le domaine agricole, vétérinaire, forestier et environnemental ; |
| 3° gukwirakwiza ikoranabuhanga mu byerekeye ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba mu gihugu hose; | 3° to disseminate technology related to agriculture, animal husbandry and forestry throughout the country; | 3° diffuser les technologies agricoles, de l'élevage et forestières dans tout le pays ; |
| 4° kwigisha no guhugura abakozi mu ngeri z'ubuhinzi n'ubworozi no gushishikariza abahinzi-borozi kwitabira umwuga wabo; | 4° to educate and train agricultural and livestock personnel as well as sensitising farmers on their profession; | 4° former et recycler les agents dans le domaine agricole, de l'élevage et inciter les agro-éleveurs à s'adonner à leur métier ; |
| 5° kumenyekanisha ibyavuye mu bushakashatsi hakoreshejwe inyigisho, amahugurwa, inama, ibiganiro mbwirwaruhame, inyandiko n'ubundi buryo bwose bushoboka; | 5° to diffuse innovations resulting from research by means of lectures, seminars, meetings, conferences and publications and by any other possible means; | 5° diffuser les résultats de la recherche au moyen de l'enseignement, des séminaires, des réunions, des conférences, des publications et par tout autre moyen possible; |
| 6° gufatanya n'andi mashuri makuru n'ibigo by'ubushakashatsi, haba mu gihugu cyangwa mu mahanga, mu by'inyigisho n'ubushakashatsi kugira ngo ubuhinzi n'ubworozi bitezwe imbere; | 6° to collaborate with other higher learning and research institutions within and outside Rwanda in the field of academic and research areas aimed at promoting agriculture and animal husbandry; | 6° collaborer avec d'autres instituts d'enseignement supérieur et centres de recherche, tant à l'intérieur qu'à l'extérieur du pays, dans le domaine académique et de recherche en vue de promouvoir l'agriculture et l'élevage ; |
| 7° guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi, kubungabunga no gushyigikira ibikorwa by'abahinzi-borozi mu gihugu; | 7° to promote agriculture and animal husbandry and to support farmers' initiatives in the country; | 7° promouvoir l'agriculture et l'élevage et appuyer les initiatives des agro-éleveurs du pays ; |
| 8° gushyigikira ikindi gikorwa gishobora guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi mu gihugu no gutunganya umusaruro ubikomokaho. | 8° to support any other initiative aimed at enhancing agriculture and animal husbandry in the country as well as processing their produce. | 8° appuyer toute autre initiative susceptible de promouvoir l'agriculture et l'élevage dans le pays et transformer leurs productions. |

Ingingo ya 7: Ububasha bwa ISAE

ISAE ifite ububasha bukurikira:

- 1° gutanga impamyabumenyi z'ibyiciro by'inzigisho itanga ;
- 2° gutanga impamyabushobozi zisoza inzigisho z'igihe gito ;
- 3° kugirana amasezerano y'ubufatanye n'ubutwererane n'inzego zinyuranye zo mu Rwanda n'izo mu mahanga;
- 4° gutanga amashimwe y'ibikorwa ntangarugero n'ibihembo ku mpamyabumenyi;
- 5° kwemeza ibigenderwaho mu kwakira abanyeshuri hashingiye ku ndangagaciro ziteganywa n'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru.

UMUTWE WA V: UBWISANZURE N'IMIKORERE BYA ISAE

Icyiciro cya mbere : Ubwisanzure bwa ISAE

Ingingo ya 8: Ubwisanzure bwa ISAE

ISAE ifite ubwisanzure mu myigishirize, mu bushakashatsi, mu buyobozi no mu micungire y'abakozi n'umutungo wayo bitanyuranyije n'itegeko rishyiraho imiterere, imitunganyirize n'imikorere

Article 7: Powers of ISAE

ISAE has the following powers:

- 1° to award diplomas of the categories of the courses it offers;
- 2° to award certificates concluding short period courses;
- 3° to conclude cooperation agreements with various institutions in Rwanda and abroad;
- 4° to award prizes in exemplary acts and diplomas;
- 5° to approve the requirements for admission of students on the basis of the criteria determined by the National Council of Higher Education.

CHAPTER V: AUTONOMY AND FUNCTIONING OF ISAE

Section One: Autonomy of ISAE

Article 8: Autonomy of ISAE

ISAE shall have autonomy in teaching, research, administration and in the management of its personnel and property in conformity with the Law establishing the organisation and the functioning of higher education.

Article 7: Compétences de l'ISAE

ISAE a les compétences suivantes:

- 1° délivrer des diplômes des cycles d'enseignement qu'il dispense;
- 2° délivrer des certificats sanctionnant les formations de courte durée;
- 3° signer des conventions de coopération avec différents organes oeuvrant au Rwanda et à l'étranger.
- 4° décerner des titres de mérite et des prix d'excellence;
- 5° approuver les critères d'admission des étudiants suivant les standards fixés par le Conseil National de l'Enseignement Supérieur.

CHAPITRE V: AUTONOMIE ET FONCTIONNEMENT DE L'ISAE

Section première : Autonomie de l'ISAE

Article 8 : Autonomie de l'ISAE

L'ISAE jouit de l'autonomie en matière d'enseignement, de recherche, d'administration et de gestion administrative et financière dans le respect de la loi portant organisation et fonctionnement de l'enseignement supérieur.

y'amashuri makuru.

Icyiciro cya 2: Imikorere ya ISAE

Ingingo ya 9: Politiki y'uburezi ya ISAE

Politiki y'uburezi ya ISAE igendera kuri politiki y'igihugu y'uburezi igenwa na Minisiteri ifite amashuri makuru mu nshingano zayo.

Ingingo ya 10: Urwego rureberera ISAE

ISAE irebererwa na Minisiteri ifite amashuri makuru mu nshingano zayo. Hagati ya Minisiteri n'Inama y'Ubuyobozi ya ISAE hakorwa amasezerano agaragaza ububasha, uburenganzira n'inshingano za buri ruhanda mu kugeza ISAE ku nshingano zayo.

Ayo masezerano amara igihe gihwanye na manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi ashirwaho umukono na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi na Minisitiri ureberera ISAE.

Ingingo ya 11: Ibikubiye mu masezerano yerekeye gahunda y'ibikorwa

Mu byo amasezerano avugwa mu

Section 2: Functioning of ISAE

Article 9: Education policy of ISAE

ISAE educational policy is based on the national education policy determined by the Ministry in charge of higher education.

Article 10: Supervising authority of ISAE

ISAE shall be supervised by the Ministry in charge of higher education. There shall be concluded between the Minister supervising ISAE and the Board of Directors a contract of performance indicating powers, rights and responsibilities of each party in fulfilling the responsibilities of each party in order to enable ISAE achieve its mission.

Such a contract shall be valid for a period of the term of office of the members of the Board of Directors and shall be signed by the Chairperson of the Board of Directors and the Minister who supervises ISAE.

Article 11: Contents of the contract of performance

Among the contents that should be clearly

Section 2: Fonctionnement de l'ISAE

Article 9: Politique d'éducation de l'ISAE

La politique d'enseignement de l'ISAE est basée sur la politique nationale de l'éducation définie par le Ministère ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions.

Article 10: Organe de tutelle de l'ISAE

ISAE est placée sous tutelle du Ministère ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions. Il est signé, entre le Ministère et le Conseil d'Administration de l'ISAE, un contrat de performance déterminant les pouvoirs, les droits et les obligations de chaque partie en vue de la réalisation de la mission de l'ISAE.

Ce contrat est valide pour une durée égale au mandat des membres du Conseil d'Administration et est conjointement signé par le Président du Conseil d'Administration et le Ministre de tutelle de l'ISAE.

Article 11: Contenu du contrat de performance

Le contrat de performance visé à l'article 10 de

O.G. n° 16 of 20/04/2009

ningingo ya 10 y'iri tegeko agomba guteganya mu buryo bwumvikana harimo:

- 1° inshingano z'Inama y'Ubuyobozi, iz'Ubuyobozi n'iz'inzego zose z'ingenzi za ISAE;
- 2° ibigomba kugerwaho na ISAE;
- 3° aho umutungo wa ISAE uva, imikorere yayo n'uburyo buhoraho bwo kubigenzura.

UMUTWE WA VI: INZEGO Z'UBUYOBOZI ZA ISAE

Ingingo ya 12: Inzego z'ubuyobozi

ISAE igizwe n'inzego z'ubuyobozi zikurikira:

- 1° Inama y'Ubuyobozi;
- 2° Sena Akademiki ya ISAE;
- 3° Inama Nshingwabikorwa;
- 4° Inama z'amashami, iz'amashuri n'iz'ibigo byihariye biyishamikiyeho;
- 5° Inama z'udushami.

Buri rwego rushobora gushyiraho Komisiyo cyangwa Komite zihariye bitewe n'ibikenewe.

indicated in the contract mentioned in Article 10 of this Law are:

- 1° the responsibilities of the Board of Directors, of the management and of all the main organs of ISAE;
- 2° expected results of ISAE;
- 3° the source of the property of ISAE, its functioning and the permanent audit procedures.

CHAPTER VI: ADMINISTRATIVE ORGANS OF ISAE

Article 12: Administrative organs

ISAE shall be composed of the following administrative organs:

- 1° the Board of Directors;
- 2° the Academic Senate of ISAE;
- 3° the Executive Council;
- 4° the council of faculties, schools and specialised centre councils affiliated to ISAE;
- 5° the department Councils.

Each organ may establish specialised commissions or committees depending on the necessary requirements.

la présente loi doit préciser notamment les points suivants:

- 1° les engagements du Conseil d'Administration, ceux de la Direction et de tous les organes principaux de l'ISAE;
- 2° les réalisations attendues de l'ISAE;
- 3° la provenance du patrimoine de l'ISAE, ses modalités de fonctionnement et d'audit permanent.

CHAPITRE VI: ORGANES D'ADMINISTRATION DE L'ISAE

Article 12: Organes d'Administration

ISAE comprend les organes d'administration suivants:

- 1° le Conseil d'Administration;
- 2° le Sénat Académique de l'ISAE;
- 3° le Conseil Exécutif;
- 4° le Conseil des facultés, écoles et des centres spécialisés attachés à l'ISAE;
- 5° le Conseil des départements.

Chaque organe peut créer des commissions ou des comités spécialisés selon les besoins.

Imiterere n'imikorere ya buri Komisiyo cyangwa Komite bigenwa n'Amategeko ngenamikorere ya ISAE.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi ya ISAE

Ingingo ya 13: Ububasha bw'Inama y'Ubuyobozi ya ISAE

Inama y'Ubuyobozi ya ISAE nirwo rwego ruyiyobora kandi rushinzwe gufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye n'inshingano byo gucunga umutungo wa ISAE kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

Ingingo ya 14: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya ISAE

Inama y'ubuyobozi ya ISAE igizwe n'aba bakurikira:

- 1° Perezida wayo ushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe;
- 2° Visi-Perezida uturwa na bagenzi be mu bayigize mu nama yayo ya mbere ;
- 3° Abantu batatu (3) bahagarariye Leta;
- 4° Umuyobozi wa ISAE ari nawe mwanditsi w'Inama ;
- 5° abayobozi bungirije ba ISAE;

The organisation and functioning of each commission or committee shall be determined by internal rules and regulations of ISAE.

Section One: Board of Directors of ISAE

Article 13: Competence of the Board of Directors of ISAE

The Board of Directors is the supreme administrative and decision making organ of ISAE. It shall have full powers and responsibilities to manage the patrimony of ISAE in order to fulfil its responsibilities.

Article 14: Members of the Board of Directors of ISAE

The Board of Directors of ISAE shall be composed of the following persons:

- 1° the Chairperson, who is appointed by an Order of the Prime Minister;
- 2° the Vice-Chairperson elected from among its members by his/her peers at its first session;
- 3° three (3) persons representing the Government;
- 4° the Rector of ISAE who is the Rapporteur of the Board;
- 5° the Vice Rectors of ISAE;

L'organisation et le fonctionnement de chaque Commission ou Comité sont déterminés par le Règlement d'ordre intérieur de l'ISAE.

Section première : Conseil d'Administration de l'ISAE

Article 13: Compétence du Conseil d'Administration de l'ISAE

Le Conseil d'Administration est l'organe suprême d'administration et de décision au sein de l'ISAE. Il dispose de pleins pouvoirs et attributions de gérer le patrimoine de l'ISAE en vue de remplir sa mission.

Article 14: Membres du Conseil d'Administration de l'ISAE

Les membres du Conseil d'Administration de l'ISAE sont les suivants:

- 1° le Président nommé par Arrêté du Premier Ministre;
- 2° le Vice-Président élu par ses pairs lors de la première séance ;
- 3° trois (3) personnes représentant l'Etat;
- 4° le Recteur de l'ISAE, qui en est le rapporteur;
- 5° les Vice-Recteurs de l'ISAE;

O.G. n° 16 of 20/04/2009

- | | | |
|---|--|--|
| 6° uhagarariye abayobozi b'amashami utorwa na bagenzi be; | 6° a representative of the Deans of faculties elected by his/her colleagues; | 6° un représentant des Doyens de facultés élu par ses pairs; |
| 7° abantu batatu (3) b'impuguke mu by'uburezi, ubumenyi, ikoranabuhanga bashyirwaho na Leta; | 7° three (3) persons who are experts in the fields of education, science and technology nominated by the Government; | 7° trois (3) experts en éducation, en science et en technologie nommés par l'Etat ; |
| 8° Uhagarariye abarimu utorwa na bagenzi be; | 8° a representative of lecturers elected by his or her colleagues; | 8° un représentant des enseignants élu par ses pairs; |
| 9° Uhagarariye abakozi utorwa na bagenzi be; | 9° a representative of the personnel elected by his/her colleagues; | 9° un représentant du personnel élu par ses pairs; |
| 10° Abanyeshuri babiri (2) b'ibitsina byombi batowe na bagenzi babo; | 10° two (2) students of opposite sex elected by their colleagues; | 10° deux (2) étudiants de sexe différent élus par leurs pairs; |
| 11° Uhagarariye abikorera ku giti cyabo utangwa n'Urugaga rw'abikorera ku giti cyabo rubisabwe na Guverinoma. | 11° a representative of the private sector appointed by the Private Sector Federation, upon request by the Government. | 11° un représentant du secteur privé nommé par la Fédération Rwandaise du Secteur privé sur demande de l'Etat. |

| | | |
|--|--|---|
| Mu bagize Inama y'Ubuyobozi, nibura mirongo itatu ku ijana (30%) bagomba kuba ari abagore. | Among the members of the Board of Directors, at least thirty (30%) shall be women. | Trente pour cent (30%) au moins des membres du Conseil d'Administration sont de sexe féminin. |
|--|--|---|

| | | |
|--|---|--|
| Manda y'abagize Inama y'Ubuyobozi ni imyaka ine (4) ishobora kongerwa inshuro imwe gusa. | The term of office of the members of Board of Directors shall be four (4) years which may be renewed only once. | Le mandat des membres du Conseil d'Administration est de quatre (4) ans renouvelable une fois. |
|--|---|--|

Ingingo ya 15: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya ISAE

Article 15: Responsibilities of the Board of Directors of ISAE

Article 15: Attributions du Conseil d'Administration de l'ISAE

| | | |
|--|---|--|
| Inama y'Ubuyobozi ya ISAE ifite inshingano zikurikira: | The Board of Directors of ISAE shall have the following responsibilities: | Les attributions du Conseil d'Administration de l'ISAE sont les suivantes: |
|--|---|--|

- | | | |
|--|--|--|
| 1° gutanga inama mu igenwa rya politiki y'uburezi mu mashuri makuru no gukurikirana ishyingirwa mu bikorwa | 1° to give advice during the elaboration of the higher education policy in ISAE and to monitor its implementation in conformity with | 1° donner des conseils dans l'élaboration de la politique de l'éducation dans les établissements d'enseignement supérieur et |
|--|--|--|

| | | |
|---|--|---|
| ryayo hakurikijwe inshingano zihariye za ISAE; | the specialised duties of ISAE; | faire le suivi de son exécution conformément à la mission spécifique de l'ISAE; |
| 2° gushyiraho amategeko ngengamikorere ya ISAE; | 2° to set up the internal rules and regulations of ISAE; | 2° élaborer le Règlement d'ordre intérieur de l'ISAE; |
| 3° kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari ya ISAE; | 3° to approve the draft budget proposal of ISAE; | 3° approuver l'avant-projet de budget de l'ISAE ; |
| 4° kwemeza buri mwaka imikoreshereze y'imari n'undi mutungo bya ISAE, hashingiwe kuri raporo y'umuyobozi wa ISAE n'iy'umugenzuzi bwite wayo cyangwa urundi rwego rubifitiye ububasha; | 4° to approve annually, the use of finance and other property of ISAE, basing on the report of the Rector and its internal auditor or any other competent organ; | 4° approuver le rapport annuel sur l'utilisation des finances et autre patrimoine de l'ISAE, sur la base du rapport du Recteur de l'ISAE et de son auditeur interne ou de tout autre organe habilité; |
| 5° kwemeza igenamigambi ry'ibikowa bya ISAE by'igihe gito, igiciriritse n'ikirambye; | 5° to adopt the short term, medium and long term action plans of ISAE; | 5° approuver le plan d'action de l'ISAE à court, à moyen et à long terme; |
| 6° kwemeza buri mwaka iteganyabikorwa ya ISAE n'ingengo y'imari yayo; | 6° to adopt the annual plan of action of ISAE and its corresponding budget; | 6° approuver chaque année le plan d'activités de l'ISAE et le budget y relatif; |
| 7° kwemeza imyanzuro ishyikirizwa na Sena Akademiki ya ISAE; | 7° to adopt the resolutions submitted by the Academic Senate of ISAE; | 7° approuver les résolutions lui soumises par le Sénat académique de l'ISAE ; |
| 8° kwemeza imyanzuro ishyikirizwa n'Ubuyobozi Nshingwabikorwa ku byerekeye imari, umutungo n'abakozi ba ISAE; | 8° to adopt the resolutions submitted by the Executive Council on matters related to the finance, assets and the personnel of ISAE; | 8° approuver les résolutions lui soumises par le Conseil Exécutif sur la gestion des finances, du patrimoine et du personnel de l'ISAE ; |
| 9° kugena umubare w'amafaranga atangwa n'umunyeshuri wiga muri ISAE, n'andi mafaranga atangwa ku mirimo inyuranye ikorwa na ISAE; | 9° to determine the fees to be paid by a student in ISAE and other fees to be invested in various services offered by ISAE; | 9° fixer le montant des frais à payer par l'étudiant de l'ISAE et autres frais pour les services divers rendus par l' ISAE; |
| 10° kugena abahabwa za buruse n'ibihembo bicungwa na ISAE; | 10° to determine the beneficiaries of the study scholarship and prizes administered by ISAE; | 10° déterminer les bénéficiaires des bourses d'études et des prix de mérite gérés par l'ISAE ; |
| 11° kwemeza impano, inkunga n'imfashanyo | 11° to approve donations, subventions and grants | 11° approuver les dons, les subventions et les |

O.G. n° 16 of 20/04/2009

bihabwa ISAE;
12° kwita ku gikorwa icyo ari cyo cyose cyatumaze ISAE igera ku nshingano zayo;

13° kwemeza amasezerano ISAE igirana n'andi Mashuri Makuru, ibigo by'ubushakashatsi n'izindi nzego muri rusange.

Ingingo ya 16: Iterana ry'Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi iterana rimwe mu mezi atatu (3) mu nama isanzwe, itumiwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida, iyo Perezida adahari.

Ishobora guterana mu nama idasanzwe bibaye ngombwa, ku butumire bwa Perezida wayo abyibwirije cyangwa abisabwe mu nyandiko na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ingingo ya 17: Ubutumire bw'Inama y'Ubuyobozi

Ubutumire bw'Inama y'Ubuyobozi ku nama isanzwe bugomba kugera kuri buri wese mu bayigize nibura iminsi cumi n'ine (14) mbere y'uko iterana, n'iminsi ibiri (2) nibura ku nama idasanzwe. Bugomba kandi kumenyeshya aho inama izabera, itariki, isaha

provided to ISAE;

12° to carry out any other activities aimed at enabling ISAE to accomplish its mission;

13° to approve conventions that ISAE shall sign with other higher learning institutions, research centers and other organs in general.

Article 16: Holding of the meeting of the Board of Directors

The Board of Directors shall hold its ordinary session once every three (3) months, at the invitation of its Chairperson or Vice-Chairperson if the Chairperson is absent.

It may hold extraordinary meetings if deemed necessary on the personal initiative of the Chairperson or upon written request of at least a third (1/3) of its members.

Article 17: Invitations of the Board of Directors

Invitations to the ordinary meeting of the Board of Directors shall be served to each of the members of the Board of Directors at least fourteen (14) days before the meeting is held and at least two (2) days before the extraordinary meeting is held. The letter of invitation shall equally indicate the venue,

aides accordés à l'ISAE;

12° veiller à toute activité permettant à l'ISAE d'atteindre sa mission;

13° approuver les conventions que l'ISAE conclues avec d'autres institutions d'enseignement supérieur, les centres de recherche et autres instances en général.

Article 16: Tenue de la réunion du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration se réunit une fois les trois (3) mois en session ordinaire, sur convocation de son Président ou son Vice-Président en cas d'absence ou d'empêchement du Président.

Il peut se réunir en session extraordinaire chaque fois que de besoin à l'initiative du Président ou sur demande écrite d'au moins un tiers (1/3) de ses membres.

Article 17: Invitation du Conseil d'Administration

L'invitation à la réunion ordinaire du Conseil d'Administration doit être notifiée à chaque membre au moins quatorze (14) jours avant la tenue de la réunion, et au moins deux (2) jours avant pour la réunion extraordinaire. L'invitation doit également indiquer le lieu, la date, l'heure et

n'ingingo zizaganirwaho.

Ingingo ya 18: Bimwe mu byigwa n'inama y'Inama y'ubuyobozi n'uburyo ifata ibyemezo

Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka harimo kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo mu mwaka urangiye; mu gihembwe cya gatatu hakabamo gahunda yo gusuzuma umushinga w'ingingo y'imari na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira.

Buri gihembwe kandi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iyibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa Minisitiri ureberera ISAE.

Uburyo inama iterana n'uko ibyemezo bifatwa biteganywa n'amategeko ngengamikorere ya ISAE.

Ingingo ya 19: Itumirwa mu nama ry'umuntu ushobora kuyunganira

Inama y'Ubuyobozi ya ISAE ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ibona ushobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa. Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa

the date, the time and the agenda of the meeting.

Article 18: Certain items examined by the Board of Directors and modalities of making decisions

Among the items to be examined by the Board of Directors in the first term of the year shall be the approval of the activity report and the financial report for the previous year; in the third term, there shall be the examination of the annual budget proposal and the plan of action for the following year.

Also, the Board of Directors shall quarterly examine the financial and activity reports relating to the previous quarter and the reports shall be submitted to the Minister supervising ISAE.

The modalities for holding meetings and taking decisions shall be determined by the Internal Rules and Regulations of ISAE.

Article 19: Invitation of a resourceful person

The Board of Directors of ISAE may invite to its meetings any person that it considers competent to assist it in dealing with specific issues on the agenda. The person invited shall not be entitled to voting rights and to follow debates of other issues

l'ordre du jour de la réunion.

Article 18: Certains points à l'ordre du jour du Conseil d'Administration et les modalités de prise de décisions

A l'ordre du jour de la réunion du premier trimestre de l'année figurent notamment les points relatifs à l'approbation du rapport d'activités et de gestion du patrimoine pour l'exercice précédent, l'ordre du jour de la réunion du troisième trimestre comprend notamment l'examen du projet de budget et du programme d'activités pour l'exercice suivant.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit également examiner le rapport financier et le rapport d'activités pour le trimestre écoulé et le soumettre au Ministre de tutelle de l'ISAE.

Les modalités de réunion et de prise de décisions sont prévues par le Règlement d'ordre intérieur de l'ISAE.

Article 19: Invitation d'une personne ressource

Le Conseil d'Administration de l'ISAE peut inviter à ses réunions toute personne qu'il estime compétente pour l'aider à traiter des questions particulières à l'ordre du jour. Cette personne n'a pas de voix délibérative et ne participe pas

ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibiyigwa.

Ingingo ya 20: Inyandiko mvugo z'Inama y'Ubuyobozi

Inyandiko-mvugo z'inama z'inama y'ubuyobozi zishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yazo zikoherezwa Minisitiri ureberera ISAE mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) kugira ngo agire icyo abivugaho mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva azishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo arabivugaho, ibyemezo by'inama biba byemejwe burundu.

Inyandikomvugo y'inama ishyirwaho umukono na perezida n'Umwanditsi bayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi yayo yoherezwa Minisitiri ureberera ISAE mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

Ingingo ya 21: Impamvu zo kuva mu Nama y'Ubuyobozi

Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya bitewe n'impamvu zikurikira :

on the agenda.

Article 20: Minutes of the Board of Directors

The minutes of the Board of Directors' meetings shall be signed by its members immediately at its completion, and its copy shall be sent to the Minister supervising ISAE in a period not exceeding five (5) days in order to give his/her views in a period not exceeding fifteen (15) days from its reception. If this period expires without any reaction from the Minister, the resolutions of the meeting shall be considered as definitively approved.

The minutes of the meeting shall be signed by the Chairperson and its rapporteur, and it shall be approved in the following session. The copy of the minutes shall be sent to the Minister supervising ISAE in a period not exceeding fifteen (15) days from the date of its approval.

Article 21: Reasons for vacating the Board of Directors

A member of the Board of Directors shall leave such an office if:

aux débats concernant les autres points à l'ordre du jour.

Article 20 : Procès-verbaux du Conseil d'Administration

Les procès-verbaux des réunions du Conseil d'Administration sont immédiatement signés par par les membres présents après la seance et transmises en copie au Ministre de tutelle de l'ISAE dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours pour avis et considération endéans quinze (15) jours à dater de leur réception. Passé ce délai sans réaction du Ministre, les résolutions du Conseil sont réputées définitives.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé conjointement par son Président et son rapporteur et est soumis à la séance suivante pour approbation. Une copie du Procès-verbal est envoyée au Ministre de tutelle de l'ISAE dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter de la date de son approbation.

Article 21 : Causes de la perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration

Un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre dans les cas suivants:

- | | | |
|--|--|--|
| 1° manda ye irangiye; | 1° his/ her term of office expires; | 1° expiration du mandat ; |
| 2° yeguye akoresheje inyandiko; | 2° he/she resigns in writing; | 2° démission par notification écrite ; |
| 3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta; | 3° he/she becomes incapable of performing his or her duties due to illness or impairment after confirmation by an authorised medical doctor; | 3° incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé ; |
| 4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano; | 4° he/she has been sentenced to imprisonment for a term of six (6) months or more without parole; | 4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à (6) mois sans sursis ; |
| 5° asibye inama inshuro eshatu zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro; | 5° he/she fails to attend three (3) consecutive meetings of the Board of Directors in a year, without justifiable reason; | 5° trois (3) absences consécutives dans une année aux réunions sans raisons valables ; |
| 6° bigaragaye ko atacyujye ibyashingiweho ashirwa mu nama y'ubuyobozi; | 6° the holder ceases to fulfil the requirements considered at the time of his/her appointment in the Board of Directors; | 6° constat qu'il ne remplit plus les conditions pour lesquelles il avait été nommé ; |
| 7° agaragaje imyitwarire itajyanye n'inshingano ze; | 7° he/she demonstrates behavior contrary to his or her responsibilities; | 7° comportement incompatible avec ses fonctions ; |
| 8° abangamira inyungu za ISAE; | 8° if he/she jeopardises the interest of the ISAE; | 8° agissement contre les intérêts de l'ISAE; |
| 9° yireze akemera icyaha cya jenocide; | 9° if he/she confesses and admits to the crime of genocide; | 9° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide ; |
| 10° agaragayeho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya jenocide; | 10° he/she is characterised by the genocide ideology; | 10° faire montre d'indices d'idéologie du génocide ; |
| 11° apfuye. | 11° he/she dies. | 11° décès. |

Inama y'Ubuyobozi ni yo igaragaza ko umwe mu bayigize atakiri mu mwanya we ishingiyeye ku mpamvu zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, bikemezwa n'urwego rwamushyizeho. Asimburwa hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 14 y'iri tegeko.

The Board of Directors shall indicate whether one of its members is not worth its membership basing on the reasons mentioned in the first paragraph of this Article and upon approval by the appointing authority. He/she shall be replaced according to provisions of Article 14 of this Law.

Le Conseil d'Administration constate la perte de la qualité de membre sur la base des raisons visées à l'alinéa premier du présent article et l'organe qui l'avait désigné l'approuve. Ce membre est remplacé conformément aux dispositions de l'article 14 de la présente loi.

Ingingo ya 22: Amatsinda yihariye y'Inama y'Ubuyobozi

Inama y'Ubuyobozi ishobora gushyiraho amatsinda yihariye ahoraho cyangwa adahoraho agizwe na bamwe mu bayigize n'abandi bantu isanga ari ngombwa, kandi ikagera buri tsinda umuyobozi.

Icyiciro cya 2: Sena Akademiki ya ISAE

Ingingo ya 23: Ububasha bwa Sena Akademiki ya ISAE

Sena Akademiki ya ISAE ni rwo rwego rukuru rushinzwe inyigisho, ubushakashatsi n'uburere muri ISAE.

Ingingo ya 24: Abagize Sena Akademiki ya ISAE na manda yabo

Sena Akademiki ya ISAE igizwe n'aba bakurikira:

- 1° umuyobozi wa ISAE ari na we Perezida wayo ;
- 2° abayobozi bungirije ba ISAE, ushinzwe inyigisho akaba Visi-Perezida n'umwanditsi wayo;
- 3° abayobozi b'amashami, ab'amashuri

Article 22: Specialised committees of the Board of Directors

The Board of Directors may establish permanent or temporary specialised committees composed of some of its members and other persons it considers necessary and it shall designate a director to each committee.

Section 2: Academic Senate of ISAE

Article 23: Competence of the Senate of ISAE

The Academic Senate of ISAE shall be the supreme organ responsible for Academic Affairs, research, and education in ISAE.

Article 24: Members of the Academic Senate of ISAE and their term of office

The Academic Senate of ISAE shall be composed of the following persons:

- 1° the Rector of ISAE, who shall be its Chairperson;
- 2° the Vice-Rectors of ISAE and the Vice Rector in charge of Academic Affairs who shall be its Vice President and its Rapporteur;
- 3° the Deans of faculties and Directors of schools

Article 22 : Comités spécialisés du Conseil d'Administration

Le Conseil d'Administration peut créer des comités spécialisés permanents ou ad hoc composés de certains de ses membres et d'autres personnes qu'il trouve nécessaires et dote chaque comité spécialisé d'un responsable.

Section 2 : Sénat Académique de l'ISAE

Article 23 : Compétence du Sénat académique de l'ISAE

Le Sénat Académique de l'ISAE est l'organe suprême responsable des affaires académiques, de la recherche et de l'éducation au sein de l'ISAE.

Article 24 : Membres du Sénat Académique de l'ISAE et leur mandat

Le Sénat académique de l'ISAE est composé des membres suivants:

- 1° le Rector de l'ISAE, qui en est le Président ;
- 2° les Vice-Recteurs de l'ISAE, le Vice-Recteur académique étant Vice-président et Rapporteur ;
- 3° les Doyens de facultés et les Directeurs

- | | | |
|---|---|---|
| n'ab'ibigo byihariye bishamikiye kuri ISAE; | and specialised centers affiliated to ISAE; | d'écoles et des centres spécialisés attachés à l'ISAE; |
| 4° umwarimu umwe mu barimu babweguriwe utorwa na bagenzi be muri buri shami, ishuri n'ikigo cyihariye gishamikiye kuri ISAE; | 4° a professor elected by his/her colleagues in each faculty, each school and in each centre affiliated to ISAE; | 4° un professeur titulaire élu par ses pairs de la faculté et du centre spécialisé de l'ISAE, les responsables des départements ; |
| 5° abayobozi b'udushami; | 5° heads of departments; | 5° les chefs de département ; |
| 6° umwarimu umwe muri buri shami no muri buri kigo cyihariye utorwa na bagenzi be; | 6° a lecturer from each faculty, school and from each specialised centre elected by his/her colleagues; | 6° un professeur par faculté et par centre spécialisé élu par ses pairs ; |
| 7° umuyobozi ushinzwe inyigisho n'ubushakashatsi; | 7° the Director in charge of Academic and Research Affairs; | 7° le Directeur chargé des affaires académiques et de recherche; |
| 8° umuyobozi w'inkoranyabitabo ya ISAE; | 8° the Director of library of ISAE; | 8° le Directeur de la bibliothèque de l'ISAE; |
| 9° umunyeshuri umwe uhagarariye ishyirahamwe rusange ry'abanyeshuri biga muri ISAE ufite mu nshingano ze ibijyanye n'inyigisho; | 9° a student representing the general association of students of ISAE and who is in charge of Academic Affairs ; | 9° un commissaire aux affaires académiques de l'Association générale des étudiants de l'ISAE; |
| 10° umunyeshuri umwe muri buri shami, ishuri na buri kigo gishamikiye kuri ISAE utorwa na bagenzi be. | 10° a student from each faculty, each school and from each centre affiliated to ISAE elected by his/her colleagues. | 10° un étudiant par Faculté et par centre spécialisé de l'ISAE élu par ses pairs. |
- Uretse abari muri Sena Akademiki ya ISAE kubera imirimo bashinzwe, abandi batorerwa igihe cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa.
- A l'exception des membres ex-officio du Sénat Académique de l'ISAE, le mandat des membres du Sénat académique est de trois (3) ans renouvelable.

Ingingo ya 25: Ishyirwaho ry'Umwanditsi wungirije wa Sena Akademiki ya ISAE

Abagize Sena Akademiki ya ISAE bitoramo umwanditsi wungirije mu nama yayo ya mbere. Atorwa mu bayobozi b'amashami ab'amashuri cyangwa ab'ibigo byihariye

Article 25: Appointment of the Deputy Rapporteur of the Academic Senate of ISAE

The members of the Academic Senate of ISAE shall elect among its members a Deputy Rapporteur during its first meeting. He/she shall be elected among the Deans of Faculties or among

Article 25: Nomination d'un Rapporteur Adjoint du Sénat Académique de l' ISAE

A la première séance, le Sénat Académique de l'ISAE élit en son sein un Rapporteur adjoint. Il est élu parmi les Doyens de Facultés ou les Directeurs d'écoles ou des centres spécialisés de

bishamikiye kuri ISAE.

Ingingo ya 26: Itumirwa ry'undi muntu mu nama za Sena Akademiki ya ISAE

Sena ya ISAE Akademiki ishobora gutumira mu nama zayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa. Ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.

Ingingo ya 27: Inshingano za Sena Akademiki ya ISAE

Inshingano za Sena Akademiki ya ISAE ni izi zikurikira:

- 1° gutegura ingamba, gahunda n'ingengabihe z'inyigisho n'iz'ubushakashatsi muri ISAE, kuzishyikiriza Inama y'Ubuyobozi ngo izemeze no kuzishyira mu bikorwa zimaze kwemezwa;
- 2° gutegura ingamba na gahunda zigamije kubaka uburere bubereye umunyarwanda;
- 3° gutegura amabwiriza yerekeye uko abanyeshuri bemererwa kwiga muri ISAE, uko biga, uko bitwara, ayerekeye ibizamini n'ayerekeye impamyabumenyi

the Directors of specialised centers of ISAE.

Article 26: Invitation of any person to the meetings of the Academic Senate of ISAE

The Academic Senate of ISAE may invite in its meeting any resourceful person it considers as resourceful on certain issues on the agenda. He/she shall not be allowed to vote and to follow debates on other items on the agenda.

Article 27: Duties of the Academic Senate of ISAE

The duties of the Academic Senate of ISAE are as follows:

- 1° to design the strategies, programs and the timetable of courses and of research in ISAE and to transmit them to the Board of Directors for approval and implement them after approval;
- 2° to design strategies and programs aimed at developing education fit for a Rwandan citizen;
- 3° to prepare instructions relating to admission of students in ISAE, mode of studies, conduct, examinations and diplomas and certificates offered by ISAE and to transmit them to the

l'ISAE.

Article 26 : Invitation d'une autre personne aux réunions du Sénat Académique de l'ISAE

Le Sénat Académique de l'ISAE peut inviter à ses réunions toute personne qu'il estime compétente pour l'aider à traiter des questions particulières. Cette personne n'a pas droit au vote et ne participe pas aux débats sur les autres points à l'ordre du jour.

Article 27 : Attributions du Sénat académique de l'ISAE

Les attributions du Sénat Académique de l'ISAE sont les suivantes :

- 1° arrêter les stratégies, les programmes et les calendriers académiques et de recherche à l'ISAE et les soumettre au Conseil d'Administration pour approbation avant exécution;
- 2° élaborer les stratégies et les programmes visant l'éducation adéquate du citoyen rwandais;
- 3° préparer et soumettre au Conseil d'Administration pour approbation, les directives sur les conditions d'admission des étudiants à l'ISAE, les conditions

| | | |
|--|--|---|
| n'impamyabushobozi zitangwa na ISAE, ikayashyikiriza Inama y'Ubuyobozi kugira ngo iyemeze; | Board of Directors for approval; | d'enseignement, la conduite, la passation des examens, celles relatives aux diplômes et certificats délivrés par l'ISAE; |
| 4° gusuzuma imyanzuro yafashwe ku byerekeye ibizamini n'andi masuzuma, ikayishyikiriza Inama y'Ubuyobozi kugira ngo iyemeze; | 4° to examine the decisions taken on matters relating to examinations and other tests and to transmit them to the Board of Directors for approval; | 4° analyser les décisions prises sur les examens et d'autres évaluations et les soumettre au Conseil d'Administration pour approbation ; |
| 5° gutegura no kugeza ku Nama y'Ubuyobozi imyanzuro ku byerekeye gushyira mu myanya no kuzamura mu ntera abarimu n'abashakashatsi no ku byerekeye kubafatira ibihano mu gihe bibaye ngombwa; | 5° to prepare and to submit to the Board of Directors decisions relating to appointment and promotion of lecturers and researchers and on matters relating to impose punishments whenever necessary; | 5° préparer et soumettre au Conseil d'Administration les propositions relatives au placement et à l'avancement des professeurs et des chercheurs et aux sanctions prises à leur endroit en cas de nécessité ; |
| 6° kugenzura ibyerekeye inyigisho, ubushakashatsi n'uburere mu mashami, amashuri, mu bigo byihariye no mu dushami twa ISAE; | 6° to supervise matters relating to courses, research and education in faculties, schools and in specialised centers and in departments of ISAE; | 6° superviser l'enseignement, la recherche et l'éducation au sein des facultés, écoles, centres spécialisés et des départements de l'ISAE; |
| 7° kugeza ku nama y'Ubuyobozi ibyifuzo ku byerekeye gushyiraho, kugabanya, guhindura, gukuraho no guhuza amashami, amashuri ibigo byihariye cyangwa udushami twa ISAE; | 7° to submit suggestions relating to establishing, reducing, changing, closing and merging of faculties, schools and specialised centers or departments of ISAE; | 7° soumettre au Conseil d'Administration, des propositions de création, de réduction, de changement, de suppression ou de fusion des Facultés, des Départements, des écoles et des centres spécialisés de l'ISAE; |
| 8° gutegura no kugeza ku Nama y'Ubuyobozi raporo ya buri mwaka ku bikorwa byose byerekeye inyigisho, ubushakashatsi n'uburere muri ISAE; | 8° to prepare and submit to the Board of Directors annual report on all activities relating to courses, research and education in ISAE; | 8° réparer et soumettre au Conseil d'Administration le rapport annuel de toutes les activités académiques, de recherche et d'éducation à l'ISAE; |
| 9° gutunganya izindi nshingano ashobora guhabwa n'Inama y'Ubuyobozi. | 9° to fulfil other duties as may be assigned by the Board of Directors. | 9° exécuter toute autre activité lui confiée par le Conseil d'Administration. |

Ingingo ya 28: Gushyiraho amatsinda yihariye ya Sena Akademiki ya ISAE

Mu mirimo yayo, Sena Akademiki ishobora gushyiraho amatsinda yihariye agizwe na bamwe mu bayigize cyangwa undi wese wakwifashishwa kugira ngo igere ku nshingano zayo.

Ingingo ya 29: Iterana ry’Inama za Sena Akademiki ya ISAE

Sena Akademiki ya ISAE iterana rimwe mu mezi abiri (2) n’igihe cyose bibaye ngombwa, itumiwe na Perezida wayo cyangwa Visi Perezida iyo Perezida adahari, cyangwa bisabwe mu nyandiko na kimwe cya gatatu ($\frac{1}{3}$) cy’abayigize.

Inama ya Sena Akademiki ya ISAE iterana mu buryo bwemewe n’amategeko iyo hari nibura bibiri bya gatatu ($\frac{2}{3}$) by’abayigize.

Ingingo ya 30: Gufata ibyemezo

Sena Akademiki ya ISAE ifata ibyemezo ku bwumvikane busesuye. Iyo bidashobotse, ibyemezo bifatwa hakoreshejwe amatora ku bwiganze burunduye bw’amajwi y’abari mu nama. Iyo amajwi angana, irya Perezida ni ryo rikemura impaka.

Article 28: Establishment of specialised committees of the Academic Senate of ISAE

In its duties, the Academic Senate may establish specialised committees composed of some of its members or any other person from whom to seek support in order for ISAE to fulfill its responsibilities.

Article 29: Meetings of the Academic Senate of ISAE

The Senate of ISAE shall meet once in two (2) months and whenever deemed necessary upon the invitation by its Chairperson or Vice-Chairperson in case the Chairperson is absent, or upon request, in writing of one third ($\frac{1}{3}$) of its members.

The Senate of ISAE shall legally meet if at least two thirds ($\frac{2}{3}$) of its members are present.

Article 30: Decision making

The Academic Senate of ISAE shall take decisions by consensus. If not possible, the decisions shall be taken through an absolute majority vote of the members present to the meeting. In the event of a voting tie, the vote of the Chairperson shall have a casting vote.

Article 28: Création des comités spécialisés au sein du Sénat académique de l’ISAE

Dans ses fonctions, le Sénat académique peut créer des comités spécialisés composés de certains de ses membres ou de toute autre personne ressource pour la réalisation de ses attributions.

Article 29 : Tenue réunions du Sénat Académique de l’ISAE

Le Sénat Académique de l’ISAE se réunit une fois tous les deux (2) mois, et autant de fois que de besoin sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d’absence ou d’empêchement du Président, ou sur demande écrite d’un tiers ($\frac{1}{3}$) de ses membres.

Le Sénat Académique de l’ISAE se réunit régulièrement lorsque au moins deux tiers ($\frac{2}{3}$) de ses membres sont présents.

Article 30 : Prise de décisions

Les décisions du Sénat académique de l’ISAE sont prises par consensus. A défaut de consensus, elles sont prises à la majorité absolue des voix des membres présents. En cas d’égalité de voix, celle du Président est prépondérante.

Icyiciro cya 3: Inama Nshingwabikorwa

Ingingo ya 31: Abagize inama Nshingwabikorwa

Inama Nshingwabikorwa ni urwego rushinzwe gutegura rukanahuza ibikorwa byose bijyanye n'imicungire y'abakozi n'umutungo bya ISAE.

Inama Nshingwabikorwa ya ISAE bugizwe nibura n'aba bakurikira:

- 1° Umuyobozi wa ISAE ;
- 2° Abayobozi bungirije ba ISAE;
- 3° Abayobozi b'amashami, ab'amashuri n'ab'ibigo byihariye bishamikiye kuri ISAE;
- 4° Abayobozi b'udushami;
- 5° Umuyobozi ushinzwe ubutegetsi;
- 6° Umuyobozi ushinzwe imari;
- 7° Umuyobozi w'inkoranyabitabo;
- 8° Umuyobozi ushinzwe inyigisho n'ubushakashatsi;
- 9° Umuyobozi ushinzwe uburere n'imibereho myiza y'abanyeshuri;

Inama Nshingwabikorwa ishobora kandi gutumira mu nama zayo umuntu uwo ari we wese isanga ari ngombwa kwitabira inama zayo kugira ngo imirimo yayo ndetse n'ya ISAE ishobore kurangizwa neza.

Section 3: Executive Council

Article 31: Members of the Executive Council

The Executive Council shall be the organ in charge of preparing and coordinating all the activities relating to management of the personnel and property of ISAE.

The Executive Council of ISAE shall be at least composed of the following persons:

- 1° the Rector of ISAE;
- 2° the Vice-Rectors of ISAE;
- 3° the Deans of Faculties, Schools and Directors of specialised centers of ISAE;
- 4° the Heads of departments;
- 5° the Director for administration;
- 6° the Director of finance ;
- 7° the Director of library;
- 8° the Director in charge of academic affairs and research;
- 9° the Director in charge of education and students affairs.

The Executive Council may also invite in its meeting any resourceful person it may deem necessary for the smooth running of its activities and those of ISAE.

Section 3 : Conseil Exécutif

Article 31 : Membres du Conseil Exécutif

Le Conseil Exécutif est l'organe chargé de la préparation et de la coordination de toutes les activités sur la gestion du personnel et du patrimoine de l'ISAE.

Le Conseil Exécutif de l'ISAE est au moins composé des membres suivants :

- 1° le Recteur de l'ISAE;
- 2° les Vice-Recteurs de l'ISAE;
- 3° les Doyens de Facultés, des Ecoles et les Directeurs de centres spécialisés de l'ISAE;
- 4° les Chefs de départements ;
- 5° le Directeur administratif;
- 6° le Directeur financier ;
- 7° le Directeur de la bibliothèque ;
- 8° le Directeur des affaires académiques et de la recherche ;
- 9° le Directeur chargé de l'éducation et des services aux étudiants.

Le Conseil Exécutif peut inviter à ses réunions, toute personne dont la participation est jugée utile à l'exécution de ses fonctions et à celles de l'ISAE.

O.G. n° 16 of 20/04/2009

Uretse abari mu nama nshingwabikorwa kubera imirimo bashinzwe, abandi batorerwa igihe cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa.

Ingingo ya 32: Inshingano z'Inama Nshingwabikorwa

Inama Nshingwabikorwa ifite inshingano zikurikira:

- 1° gutegura imbanziriza mushinga y'ingengo y'imari ya ISAE;
- 2° gukurikirana ibijyanye n'imicungire y'umutungo wa ISAE;
- 3° gukurikirana ibijyanye no gutanga akazi, gushyira abantu mu myanya, kuzamura mu ntera ndetse no kwirukanwa kw'abakozi b'ubutegetsi bwite bwa ISAE;
- 4° kugenzura imicungire y'abakozi, ibikoresho n'imari;
- 5° gutegura no kugeza ku Nama y'Ubuyobozi umushinga w'igenwa ry'inyongera ku mushahara w'abarimu n' abashakashatsi n'abandi bakozi muri ISAE;

Uburyo iyongera ritangwa bugenwa n'amategeko ngengamikorere ya ISAE.

6° kureba ibindi bibazo byose byerekeye imigendekere rusange ya ISAE;

With exception of the members of the Executive Council, others shall be appointed for a term of three (3) years which may be renewed.

Article 32: Responsibilities of the Executive Council

The Executive Council has the following duties:

- 1° to prepare the draft budget proposal of ISAE;
- 2° to monitor issues relating to management of the property of ISAE;
- 3° to ensure issues relating to recruitment, appointment, promotion as well as dismissal of administrative personnel of ISAE;
- 4° to control the personnel management, equipment and finance;
- 5° to prepare and to transmit to the Board of Directors the proposal of salary increments of lecturers and researchers in ISAE;

The procedures for salary increment shall be determined by the rules of procedures of ISAE.

6° to examine all other issues relating to general performance of ISAE.

A l'exception des membres ex-officio du Conseil Exécutif, les autres membres sont élus pour un mandat de trois (3) ans renouvelable.

Article 32: Attributions du Conseil Exécutif

Les attributions du Conseil Exécutif sont les suivantes :

- 1° élaborer un avant-projet de budget de l'ISAE;
- 2° faire le suivi de la gestion du patrimoine de l' ISAE ;
- 3° faire le suivi de recrutement, d'affectation, de l'avancement et de la révocation du personnel administratif de l'ISAE;
- 4° assurer le contrôle de la gestion du personnel, de l'équipement et des finances ;
- 5° élaborer et soumettre au Conseil d'Administration le projet de majoration des salaires du personnel enseignant et des chercheurs de l'ISAE;

Les modalités de majoration des salaires sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de l'ISAE;

6° veiller à toutes les autres questions relatives à la performance générale de l'ISAE.

Icyiciro cya 4: Inama z'amashami, iz'amashuri n'iz'Ibigo byihariye bishamikiye kuri ISAE

Ingingo ya 33: Abagize inama z'amashami, iz'amashuri n'iz'ibigo bishamikiye kuri ISAE

Inama y'ishami, iy'ishuri cyangwa iy'ikigo cyihariye gishamikiye kuri ISAE nirwo rwego rukuru mu ishami, ishuri, cyagwa icyo kigo. Igizwe n'aba bakurikira:

- 1° Umuyobozi w'ishami cyangwa uw'ikigo cyihariye, ari na we Perezida wayo;
- 2° Umuyobozi wungirije w'ishami ishuli, cyangwa uw'ikigo cyihariye, ari na we Visi- Perezida wayo;
- 3° Umunyamabanga w'ishami cyangwa ishuri n'uw'ikigo cyihariye, ari na we mwanditsi wayo;
- 4° Abarimu n'abashakashatsi bahoraho b'ishami cyangwa ab'ikigo cyihariye;
- 5° Umunyeshuri umwe (1) utorwa na bagenzi be muri buri gashami k'ishami cyangwa ak'ikigo cyihariye.

Inama y'ishami cyangwa iy'ikigo cyihariye ishobora gutumira mu nama zayo umuntu

Section 4: Council of Faculties, Schools and specialised Centers affiliated to ISAE

Article 33: Council members of Faculties, Schools and specialised Centers of ISAE,

The Council of the faculty, a school or a specialised centre of ISAE shall be the highest organ of the faculty or that centre. It is composed of the following persons:

- 1° the Dean of the faculty or the Director of the School or of a specialised centre and who is its Chairperson;
- 2° the Vice Dean of the faculty, school or a specialised Centre and who is its Vice Chairperson;
- 3° the Secretary of the faculty or a school and of the specialised centre who is its rapporteur;
- 4° permanent teachers and researchers of the faculty, school or those of the specialised center;
- 5° one student elected by his or her peers in every department of the Faculty, school or of a specialised Centre.

The Council of a faculty, a school or of a specialised centre may invite in its meeting any

Section 4 : Conseils de facultés, d'écoles et de centres spécialisés attachés à l'ISAE

Article 33 : Membres des Conseils de facultés, d'écoles et de centres spécialisés de l'ISAE

Le Conseil de la faculté, de l'école ou du centre spécialisé attaché à l'ISAE est l'organe suprême de la faculté, de l'école ou du centre. Il est composé des membres suivants :

- 1° le Doyen de la faculté ou le Directeur de l'école ou du centre spécialisé, qui en est le Président ;
- 2° le Vice Doyen de la faculté, le Directeur adjoint de l'école ou du centre spécialisé, qui en est Vice-Président ;
- 3° le Secrétaire de la faculté, de l'école ou du centre spécialisé, qui en est rapporteur ;
- 4° les enseignants et les chercheurs permanents de la faculté, de l'école ou du centre spécialisé ;
- 5° un étudiant élu par ses pairs dans chaque département de la faculté, de l'école ou du centre spécialisé.

Le Conseil d'une faculté, d'une école ou d'un centre spécialisé peut, au cours de ses réunions,

O.G. n° 16 of 20/04/2009

wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibygwa. Ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibygwa.

Ingingo ya 34: Imiterere n'imikorere by'ishami, by'ishuri n'iby'ikigo gishamikiye kuri ISAE n'iby'udushami

Imiterere n'imikorere by'ishami, by'ishuri, by'ikigo cyihariye gishamikiye kuri ISAE n'iby'udushami bigenwa n'Inama y'Ubuyobozi ibisabwe na Sena Akademiki ya ISAE.

UMUTWE WA VII: UBUYOBOZI BWA ISAE

Icyiciro cya mbere: Umuyobozi wa ISAE

Ingingo ya 35: Ishyirwaho ry'Umuyobozi wa ISAE

Umuyobozi wa ISAE, ashirwaho n'Iteka rya Perezida ; ahabwa manda y'imyaka ine (4) ishobora kongerwa inshuro imwe (1).

Ingingo ya 36: Inshingano z'Umuyobozi wa ISAE

Umuyobozi wa ISAE ni we uyobora kandi

resourceful person in order to support it in particular issues on the agenda. He/she shall not be entitled to the right to vote and to follow the debates of other items on the agenda.

Article 34: Organisation and the functioning of the Faculty, school and the centre affiliated to ISAE and departments

The organisation and functioning of a faculty, a school, a specialised centre affiliated to ISAE and departments shall be determined by the Board of Directors upon proposal by the Academic Senate of ISAE.

CHAPTER VII: MANAGEMENT OF ISAE

Section One: Rector of ISAE

Article 35: Appointment of the Rector of ISAE

The Rector of ISAE shall be appointed by a Presidential Order for a four (4) year term which may be renewed only once.

Article 36: Duties of the Rector of ISAE

The Rector of ISAE shall direct and co-ordinate

inviter toute personne ressource qu'il estime compétente sur des questions particulières. Cette personne n'a pas de voix délibérative et ne participe pas aux débats concernant les autres points à l'ordre du jour.

Article 34: Organisation et fonctionnement de la faculté, de l'école et du centre attaché à l'ISAE et des départements

L'organisation et le fonctionnement de la faculté, de l'école et du centre spécialisé attaché à l'ISAE et des départements sont déterminés par le Conseil d'Administration sur proposition du Sénat Académique de l'ISAE ;

CHAPITRE VI: DIRECTION DE L'ISAE

Section première : Recteur de l'ISAE

Article 35 : Nomination du Recteur de l'ISAE

Le Recteur de l'ISAE est nommé par Arrêté Présidentiel pour un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule fois.

Article 36 : Attributions du Recteur de l'ISAE

Le Recteur de l'ISAE assure la direction et la

| | | |
|--|--|---|
| agahuza ibikorwa bya buri muni bya ISAE mu rwego rw'inyigisho, ubushakashatsi, uburere, ubuyobozi n'icungamutungo. | the daily academic activities, research, education, administration and management of ISAE. | coordination journalières des activités académiques, de recherche, d'éducation, d'administration et de gestion de l'ISAE. |
| Ashinzwe by'umwihariko ibi bikurikira: | He or she shall be responsible particularly for the following: | Il est particulièrement chargé de : |
| 1° gushyira mu bikorwa ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi; | 1° to implement the decisions of the Board of Directors; | 1° mettre en application les décisions du Conseil d'Administration ; |
| 2° kwita ku mikoreshereze n'amicungire y'imari n'umutungo bya ISAE; | 2° to ensure rational utilisation and management of finance and assets of ISAE; | 2° veiller à l'utilisation et à la gestion des finances et du patrimoine de l'ISAE; |
| 3° guhagararira ISAE imbere y'amategeko; | 3° to represent ISAE before the Law; | 3° être le représentant légal de l'ISAE; |
| 4° guhagararira ISAE mu Rwanda no mu mahanga; | 4° to represent ISAE both at the national and international levels; | 4° représenter ISAE tant au niveau national qu'international ; |
| 5° kwita ku mibereho myiza, uburezi, imyifatire n'imyitwarire myiza y'abanyeshuri n'iy'abakozi; | 5° to ensure the welfare, education, discipline, good conduct of the students and the staff members; | 5° veiller au bien-être, à l'éducation, à la discipline et à la bonne conduite des étudiants et du personnel ; |
| 6° gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi umushinga w'igenamigambi ry'ibikorwa bya ISAE by'igihe gito, igiciriritse n'ikirambye; | 6° to forward short, medium and long term draft plan of action of ISAE to the Board of Directors for approval; | 6° soumettre au Conseil d'Administration le projet du Plan d'action de l'ISAE à court, à moyen et à long terme; |
| 7° gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi iteganyabikorwa rya buri mwaka n'imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari bya ISAE kugira ngo ibisuzume inabyemeze; | 7° to submit to the Board of Directors the annual action plan and the annual budget draft proposal of ISAE for approval and adoption; | 7° soumettre au Conseil d'Administration le plan d'action annuel et l'avant-projet de budget de l'ISAE pour approbation et adoption; |
| 8° gutegura umushinga w'ubufatanye n'andi Mashuri Makuru, Ibigo by'Ubushakashatsi n'izindi nzego no kuwushyikiriza Inama y'Ubuyobozi kugira ngo iwemeze; | 8° to prepare the cooperation agreement proposals between the higher learning institutions, research centers and other organs and forward them to the Board of Directors for approval; | 8° préparer le projet de convention de coopération avec d'autres institutions d'enseignement supérieur, des centres de recherche et d'autres instances et le soumettre au Conseil d'Administration pour approbation ; |

O.G. n° 16 of 20/04/2009

- | | | |
|--|--|--|
| 9° gukora buri mwaka raporo rusange y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari bya ISAE no kuyishyikiriza Inama y'Ubuyobozi; | 9° to prepare the annual activity and financial reports of ISAE and submit them to the Board of Directors for approval; | 9° préparer et soumettre chaque année au Conseil d'Administration le rapport annuel d'activités et le rapport financier de l'ISAE; |
| 10° kugena umuyobozi wungirije wa ISAE umusimbura, iyo umuyobozi wungirije wa ISAE ushinzwe inyigisho n'uburere adahari; | 10° to appoint a Vice-Rector of ISAE to replace him/her when the Vice-Rector in charge of Academic Affairs is absent; | 10° désigner le Vice-Recteur de l'ISAE qui le remplace en cas d'absence ou d'empêchement du Vice-Recteur chargé des affaires académiques et éducationnelles; |
| 11° gukora indi mirimo yose ijyanye n'inshingano ze ashobora kugenerwa n'Inama y'Ubuyobozi. | 11° to carry out any other duties related to his/her responsibilities as may be assigned to him/her by the Board of Directors. | 11° exécuter toute autre activité en rapport avec ses attributions lui confiée par le Conseil d'Administration. |

Ingingo ya 37: Inshingano z'Umuyobozi wa ISAE mu bihe byihutirwa

Mu bihe byihutirwa kandi Inama y'Ubuyobozi idashoboye guterana, Umuyobozi wa ISAE agishije inama inzego za ISAE bireba, ashobora gufata ibyemezo byihutirwa kugira ngo ISAE ishobore kurangiza inshingano zayo.

Iyo bigenze bityo, Umuyobozi wa ISAE agomba kubimenyesha Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya ISAE mu nyandiko bitarenze iminsi itatu (3) y'akazi uhereye umunsi ibyo byemezo byafatiweho. Inama ikurikira y'Ubuyobozi irabisuzuma kugira ngo ibifatire umwanzuro.

Article 37: Duties of the Rector of ISAE in emergency cases

In case of emergency and if the Board of Directors cannot meet, the Rector of ISAE after consultation with the relevant ISAE organs, may take urgent decisions to enable ISAE fulfil its responsibilities.

In that case, the Rector of ISAE shall notify these resolutions in writing to the Chairperson of the Board of Directors of ISAE in a period not exceeding three (3) working days following the date on which they were taken. The following meeting of the Board shall examine the resolutions in order to take a decision.

Article 37: Attributions du Recteur de l'ISAE en cas d'urgence

En cas d'urgence et d'impossibilité du Conseil d'Administration de siéger, le Recteur de l'ISAE peut, en concertation avec les organes concernés de l'ISAE, prendre les décisions urgentes permettant à l'ISAE d'accomplir sa mission.

Dans ce cas, le Recteur de l'ISAE doit communiquer ces décisions par écrit au Président du Conseil d'Administration endéans trois (3) jours ouvrables à compter de la date de la prise de ces décisions. Le Conseil d'Administration examine et se prononce sur ces décisions au cours de sa plus prochaine séance.

Icyiciro cya 2: Abayobozi bungirije ba ISAE

Ingingo ya 38: Uruhare rw'abunganira Umuyobozi wa ISAE

Mu kurangiza inshingano ze, umuyobozi wa ISAE yunganirwa n'abayobozi bungirije.

Ingingo ya 39: Ishyirwaho ry'Abayobozi bungirije ba ISAE

Abayobozi bungirije ba ISAE bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe. Bahabwa manda y'imyaka ine (4) ishobora kongerwa rimwe gusa.

Ingingo ya 40: Ibyiciro by'abayobozi bungirije ba ISAE

ISAE igira Abayobozi bungirije batatu (3):

- 1°Umuyobozi wungirije ushinzwe inyigisho n'uburere;
- 2°Umuyobozi wungirije ushinzwe ubuyobozi n'imari;
- 3°Umuyobozi wungirije ushinzwe Ubushakashatsi.

Section 2: Vice Rectors of ISAE

Article 38: Role of Vice Rectors of ISAE

The Vice Rectors shall assist the Rector of ISAE in fulfillment of his/her duties.

Article 39: Appointment of Vice Rectors of ISAE

The Vice-Rectors of ISAE shall be appointed by a Prime Minister's Order. They are appointed for a four (4) year term of office which may be renewed only once.

Article 40: Categories of Vice Rectors of ISAE

ISAE shall have three (3) Vice Rectors:

- 1° Vice Rector in charge of Academic and Educational Affairs;
- 2° Vice Rector in charge of Administration and Finance;
- 3° Vice Rector in charge of Research.

Section 2 : Vice-Recteurs de l'ISAE

Article 38 : Rôle des Vice-Recteurs de l'ISAE

Dans l'exercice de ses fonctions, le Recteur de l'ISAE est assisté par les Vice-Recteurs.

Article 39: Nomination des Vice-Recteurs de l'ISAE

Les Vice-Recteurs de l'ISAE sont nommés par Arrêté du Premier Ministre pour un mandat de quatre (4) ans renouvelable une seule fois.

Article 40: Catégories des Vice-Recteurs de l'ISAE

L'ISAE est doté de trois (3) Vice-Recteurs suivants :

- 1° un Vice-Recteur des affaires académiques ;
- 2° un Vice-Recteur Administratif et Financier ;
- 3° un Vice-Recteur chargé de la recherche.

Ingingo ya 41: Inshingano z’Umuyobozi wungirije wa ISAE ushinzwe inyigisho n’uburere

Umuyobozi wungirije wa ISAE ushinzwe inyigisho n’uburere ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° guhuza ibikorwa bijyanye na gahunda z’imirimo yose yerekeye inyigisho n’uburere muri ISAE;
- 2° gutegura inama za Sena Akademiki ya ISAE no gukurikirana iyubahirizwa ry’ibyemezo byayo;
- 3° gusimbura umuyobozi wa ISAE iyo adahari;
- 4° gukora indi mirimo ijyanye n’inshingano ze ashobora kugenerwa n’Umuyobozi wa ISAE.

Ingingo ya 42: Inshingano z’Umuyobozi wungirije wa ISAE ushinzwe ubuyobozi n’imari

Umuyobozi wungirije wa ISAE ushinzwe ubuyobozi n’imari ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° guhuza ibikorwa bijyanye n’inzeho z’imirimo n’abakozi muri ISAE;
- 2° gutegura imbanzirizamushinga y’ingengo y’imari ya ISAE;

Article 41: Duties of the Vice Rector of ISAE in charge of Academic and Educational Affairs

The duties of the Vice-Rector of ISAE for Academic and Educational Affairs are as follows:

- 1° to coordinate all activities related to all academic programs and education of ISAE;
- 2° to organise meetings of the Academic Senate of ISAE and to ensure the implementation of its decisions;
- 3° to replace the Rector of ISAE in case of his or her absence;
- 4° to carry out any other activity in relation with his or her duties as may be assigned to him or her by the Rector of ISAE.

Article 42: Duties of the Vice-Rector of ISAE in charge of Administration and Finance

The duties of the Vice-Rector of ISAE in charge of Administration and Finance are as follows:

- 1° to coordinate all the activities relating to the organisational chart and to the personnel in ISAE;
- 2° to elaborate the draft budget proposal of ISAE;

Article 41: Attributions du Vice-Recteur de l’ISAE chargé des affaires académiques et éducationnelles

Les attributions du Vice-Recteur de l’ISAE chargé des affaires académiques et éducationnelles sont les suivantes :

- 1° coordonner toutes les activités et les programmes académiques et d’éducation au sein de l’ISAE ;
- 2° préparer les réunions du Sénat académique de l’ISAE et s’assurer de la mise en application de ses décisions ;
- 3° remplacer le Recteur de l’ISAE en cas d’absence ou d’empêchement ;
- 4° exécuter toute autre activité rentrant dans ses attributions lui confiée par le Recteur de l’ISAE.

Article 42: Attributions du Vice-Recteur administratif et financier de l’ISAE

Le Vice-Recteur administratif et financier de l’ISAE est chargé de:

- 1° coordonner toutes les activités relatives au cadre organique et au personnel au sein de l’ISAE;
- 2° élaborer l’avant-projet de budget de l’ISAE;

- 3° gutegura ibyerekeye iyinjira ry'imari n'umutungo bya ISAE no gukurikirana uko bikoreshwa;
- 4° gukora indi mirimo ijyanye n'inshingano ze ashobora kugenerwa n'Umuyobozi wa ISAE.

Ingingo ya 43: Inshingano z'Umuyobozi wa ISAE ushinzwe ubushakashatsi

Umuyobozi wungirije wa ISAE ushinzwe Ubushakashatsi ashinzwe ibi bikurikira:

- 1° guhuza ibikorwa bijyanye na gahunda z'imirimo yose yerekeye ubushakashatsi muri ISAE;
- 2° kugira uruhare mu itegura ry'inama za Sena Akademiki ya ISAE no gukurikirana iyubahirizwa ry'ibyemezo yafashe ku birebana n'ubushakashatsi;
- 3° gukora indi mirimo ijyanye n'inshingano ze ashobora kugenerwa n'Umuyobozi wa ISAE.

- 3° to establish forecasts relating to revenues and other assets of ISAE and to monitor their utilisation;
- 4° to carry out any other duties related to his or her duties as may be assigned to him/her by the Rector of ISAE.

Article 43: Duties of the Vice-Rector of ISAE in charge of research

The duties of the ISAE Vice-Rector in charge of research are as follows:

- 1° to coordinate all the activities and programmes relating to research in ISAE;
- 2° to participate in the organisation of meetings of the Academic Senate of ISAE and to ensure the implementation of its decisions relating to research;
- 3° to carry out any other activity in relation with his/her duties as may be assigned to him/her by the Rector of ISAE.

- 3° établir les prévisions en matière de recettes et de patrimoine de l'ISAE et faire le suivi de leur utilisation ;
- 4° exécuter toute autre activité rentrant dans ses attributions lui confiée par le Recteur de l'ISAE.

Article 43: Attributions du Vice-Recteur de l'ISAE chargé de la recherche

Les attributions du Vice-Recteur de l'ISAE en charge de la recherche sont les suivantes :

- 1° coordonner toutes les activités et les programmes relatifs à la recherche;
- 2° prendre part à la préparation des réunions du Sénat académique de l'ISAE et s'assurer de la mise en application de ses décisions en matière de recherche;
- 3° exécuter toute autre activité rentrant dans ses attributions lui confiée par le Recteur de l'ISAE.

Icyiciro cya 3: Abayobozi b'amashami, ab'amashuri n'ibigo bishamikiye kuri ISAE

Ingingo ya 44: Uko Umuyobozi w'ishami, uw' ishuli n'Umuyobozi w'ikigo cyihariye gishamikiye kuri ISAE bajyaho

Umuyobozi w'ishami atorwa n'abarimu bo muri iryo shami. Umuyobozi w'ishuri atorwa n'abarimu bo muri iryo shuri. Umuyobozi w'ikigo cyihariye gishamikiye kuri ISAE ashobora gutorwa cyangwa gushyirwaho n'Inama y'ubuyobozi ya ISAE.

Abavugwa mu gika cya mbere batorerwa igihe cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa inshuro imwe .

Icyiciro cya 4: Abayobozi b'udushami

Ingingo ya 45: Itorwa ry'umuyobozi w'agashami

Umuyobozi w'agashami atorwa n'abarimu n'abashakashatsi bahoraho bo mu rwego akoreramo, akemezwa na Sena Akademiki ibisabwe n'inama y'ishami. Atorerwa igihe cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa inshuro imwe (1).

Section 3: Deans of Faculties, Directors of schools and specialised centers affiliated to ISAE

Article 44: Appointment of the Dean of the Faculty, Director of the School and of the specialised center affiliated to ISAE

The Dean of faculty shall be elected by lecturers in that faculty. The Director of a school shall be elected by lecturers of that school. The Director of a specialised center of ISAE may be elected or appointed by the Board of Directors of ISAE

Persons mentioned in paragraph one shall be elected for a term of office of three (3) years which may be renewed only once.

Section 4: Heads of departments

Article 45: Election of the Head of Department

The Head of department shall be elected by permanent lecturers and researchers of the category in which he/she is employed, and approved by the Academic Senate upon proposal by the department board. He/she shall serve a term of three (3) years renewable once.

Section 3: Doyens de facultés, Directeurs d'écoles et de centres spécialisés attachés à l'ISAE

Article 44: Election du Doyen de faculté, du Directeur d'école et de centre spécialisé attaché à l'ISAE

Le Doyen de Faculté est élu par les membres du personnel enseignant de la faculté. Le Directeur de l'école est élu par le personnel enseignant de cette école. Le Directeur d'école ou de centre spécialisé attaché à l'ISAE peut être élu ou nommé par le Conseil d'Administration de l'ISAE.

Les personnes visées à l'alinéa premier sont élues pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une fois.

Section 4 : Chefs des départements

Article 45: Election du Chef de département

Le Chef de département est élu par les membres du personnel enseignant et les chercheurs permanents de son département et approuvé par le Sénat académique de l'ISAE sur proposition du Conseil de faculté. Son mandat est de trois (3) ans renouvelable une fois.

Ingingo ya 46: Inshingano z'Umuyobozi w'ishami, umuyobozi w'ishuri n'Umuyobozi w'ikigo cyihariye gishamikiye kuri ISAE n'Umuyobozi w'agashami

Umuyobozi w'ishami, uw'ishuri n'uw'ikigo cyihariye gishamikiye kuri ISAE n'Umuyobozi w'agashami bashinzwe kuyobora imirimo rusange yerekeye inyigisho, uburere, ubushakashatsi n'ubuyobozi mu rwego bashinzwe.

UMUTWE WA VIII: ABAKOZI BA ISAE
Ingingo ya 47: Ibyiciro by'abakozi ba ISAE

Abakozi ba ISAE bari mu byiciro bikurikira:
1° abarimu n'abashakashatsi;
2° abakozi bo mu buyobozi na tekiniki;
3° abakozi bunganira.

Article 46: Responsibilities of the Dean of the Faculty, Director of the School and the Director of the specialised centre affiliated to ISAE and the Head of Department

The Dean of the faculty, the Director of a school and of a specialised Centre and the Head of Department shall be responsible for the general smooth running of academic activities, education, research and administrative affairs in accordance to their respective duties.

CHAPTER VIII: PERSONNEL OF ISAE

Article 47: Categories of the personnel of ISAE

The personnel of ISAE shall be composed of the following categories:
1° teaching and research staff;
2° administrative and technical staff;
3° support staff.

Article 46: Attributions du Doyen de faculté, du Directeur d'école, de Centre spécialisé attaché à l'ISAE et du Chef de département

Le Doyen de faculté, le Directeur d'école ou du centre spécialisé attaché à l'ISAE et le Chef de département assurent la direction des affaires académiques, éducationnelles, de recherche et administratives de leurs unités académiques respectives.

CHAPITRE VIII: PERSONNEL DE L'ISAE

Article 47: Catégories du personnel de l'ISAE

Le personnel de l'ISAE comprend les catégories suivantes:
1° le personnel enseignant et de recherche ;
2° le personnel administratif et technique ;
3° le personnel d'appui.

Icyiciro cya mbere: Abarimu n'abashakashatsi

Ingingo ya 48: Abarimu n'abashakashatsi

Abarimu n'abashakashatsi ni abakozi bahawe akazi ko kwigisha cyangwa ak'ubushakashatsi bakora ku buryo buhoraho cyangwa ku buryo budahoraho.

Ingingo ya 49: Ishyirwaho, izamurwa mu ntera cyangwa ivanwa ku mirimo by'abarimu n'abashakashatsi ba ISAE

Ibishingirwaho kugira ngo abarimu n'abashakashatsi bashyirwe mu mirimo, inzego zabo, uko bayivaho, uko bazamurwa mu ntera n'uko bafatirwa ibihano bigenwa n'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru.

Abarimu n'abashakashatsi ba ISAE bashyirwaho, bakazamurwa mu ntera cyangwa bakavanwa ku mirimo n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe abisabwe na Minisitiri ufite Amashuri Makuru mu nshingano ze, nawe ahereye ku cyifuzo cy'Inama y'Ubuyobozi ya ISAE ishingiye ku byemezo bya Sena Akademiki ya ISAE bijyanye no gushyiraho no kuzamura mu ntera abarimu n'abashakashatsi.

Section One: Teaching and research staff

Article 48: Teaching and research staff

The teaching and research staff shall be staff members recruited either to teach or to carry out research on a permanent or temporary basis.

Article 49: Appointment, promotion or dismissal from duties of teaching and research staff of ISAE

Modalities for recruitment, category dismissal, promotion and punishment of teaching and research staff shall be determined by the National Council for Higher Education.

The teaching and research staff of ISAE shall be recruited, promoted or dismissed by an order of the Primer Minister upon proposal of the Minister in charge of higher education upon consideration of the proposal of the Board of Directors of ISAE basing on the recommendations of the Academic Senate of ISAE relating to appointment and promotion of teaching and research staff.

Section première : Personnel enseignant et de recherche

Article 48 : Personnel enseignant et de recherche

Les membres du personnel enseignant et de recherche sont des agents engagés pour donner des enseignements ou faire des travaux de recherche à titre permanent ou temporaire.

Article 49 : Nomination, promotion ou révocation des membres du personnel enseignant et de recherche de l'ISAE

Les modalités de recrutement, catégorisation, révocation, promotion et sanctions du personnel enseignant et de recherche sont déterminées par le Conseil National de l'Enseignement Supérieur.

Les membres du personnel enseignant et de recherche de l'ISAE sont nommés, promus, ou révoqués par Arrêté du Premier Ministre, sur proposition du Ministre ayant l'Enseignement Supérieur dans ses attributions, après avis du Conseil d'Administration de l'ISAE sur base des décisions du Sénat académique de l'ISAE relatives à la nomination et à la promotion des membres du personnel enseignant et de recherche.

Ingingo ya 50: Inshingano z'abarimu n'abashakashatsi

Abarimu n'abashakashatsi, hashingiwe ku murimo w'ibanze wa buri wese, bafite inshingano zikurikira :

- 1° kubahiriza amategeko agenga ISAE n'andi mategeko;
- 2° gutegura no gutanga inyigisho hagamijwe kugeza ku banyeshuri ubumenyi ku rwego rwateganyijwe;
- 3° gukurikirana no gufasha abanyeshuri mu myigire n'ubushakashatsi bakora;
- 4° gukora ubushakashatsi bushingiye kuri gahunda ziteganywa na ISAE kandi bugamije guteza imbere imyigishirize ya ISAE muri rusange n'iy'umwarimu by'umwihariko;
- 5° gukora ubushakashatsi bugamije guteza imbere ubumenyi, ikoranabuhanga no gukemura ibibazo by'abaturage;
- 6° kwita ku burere bw'abanyeshuri no kuba intangarugero mu myitwarire;
- 7° kugira uruhare mu bindi bikorwa bya ISAE bigamije guteza imbere abaturage;
- 8° kwitabira ibindi bikorwa bijyanye n'inshingano za ISAE.

Article 50 : Responsibilities of the teaching and research staff

Members of the teaching and research staff shall have the following obligations depending on their respective individual main duties:

- 1° to respect the internal rules and regulations and other laws;
- 2° to design and offer teaching courses that are meant for providing students with the expected and appropriate knowledge and skills;
- 3° to supervise and support students in the education and research activities;
- 4° to carry out research which is based on the programs of ISAE by promoting academic quality in the ISAE in general, and building the teaching staff capacity in particular;
- 5° to carry out research meant to promote science and technology as well as to solve the problems the population is faced with;
- 6° to ensure the well bringing up of students and to be exemplary in conduct;
- 7° to participate in other activities of ISAE aimed at promoting the population;
- 8° to participate in other activities related to the responsibilities of ISAE.

Article 50: Attributions des membres du personnel enseignant et de recherche

Les attributions des membres du personnel enseignant et de recherche, selon la tâche principale de chacun, sont les suivantes:

- 1° observer les lois et les règlements régissant ISAE;
- 2° préparer et dispenser les cours en vue de donner aux étudiants les connaissances conformes au programme prévu;
- 3° suivre et appuyer les étudiants dans leurs études et travaux de recherche;
- 4° effectuer des travaux de recherche basés sur le programme prévu par ISAE dans le cadre de la promotion de l'enseignement au sein de l'ISAE en général et de l'enseignant en particulier;
- 5° faire des recherches dans le cadre de la promotion de la science, de la technologie et de solution aux problèmes de la population;
- 6° veiller à l'éducation des étudiants et être exemplaire en matière de conduite;
- 7° participer aux autres activités de l'ISAE visant le développement de la population;
- 8° participer aux autres activités relatives à la mission de l'ISAE.

**Ingingo ya 51: Uburenganzira
bw'abarimu n'abashakashatsi**

Abarimu n'Abashakashatsi bafite uburenganzira bukurikira:

- 1° gutanga ibitekerezo n'ibyifuzo ku iremery'inyigisho, imyigishirize, ubushakashatsi n'uburere;
- 2° kugenerwa no guhabwa umushahara, kuzamurwa mu ntera no kubona inyongera zijyanye na byo hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko;
- 3° kwongererwa ubumenyi n'ubushobozi mu byo bashinzwe hakoreshejwe inyigisho zitanga impamyabumenyi n'impamyabushobozi n'amahugurwa ya ngombwa;
- 4° gukora imirimo y'ubugishwanama babyemerewe n'ubuyobozi bwa ISAE, hashingiwe ku mategeko ngengamikorere yayo;
- 5° guhagarika imirimo yo kwigisha by'igihe gito kugira ngo bakore ubushakashatsi bufitiye ISAE n'Igihugu akamaro, hakurikijwe amategeko ngengamikorere ya ISAE.

Article 51: Rights of the teaching and research staff

The members of the teaching and research staff shall enjoy the following rights:

- 1° to offer their opinions and suggestions concerning the quality of academic programs, methodology, research and education;
- 2° to be accorded their salaries, promotions and other related allowances, privileges and benefits in accordance with the Law;
- 3° to access to further education and training programs meant to boost their knowledge and strengthen their capacity;
- 4° to render consultancy services upon authorisation by the management of ISAE in accordance with its internal rules and regulations;
- 5° to suspend lectures for a given period in order to carry out research activities which are of interest to both ISAE and the country, in accordance with its internal rules and regulations of ISAE.

Article 51 : Droits du personnel enseignant et de recherche

Les membres du personnel enseignant et de recherche jouissent des droits suivants:

- 1° donner des avis et suggestions sur la forme et le système d'enseignement, de recherche et d'éducation ;
- 2° percevoir les salaires, être promu en grade et bénéficier des régularisations y relatives prévues par la loi ;
- 3° développer leurs connaissances et capacités professionnelles au moyen de formations sanctionnées par des diplômes et certificats, ainsi que d'autres formations adéquates ;
- 4° exercer des services de consultance sur autorisation de l'administration de l'ISAE conformément au règlement d'ordre intérieur ;
- 5° suspendre, pour une courte période, le travail d'enseignement en vue d'effectuer des recherches dans l'intérêt de l'ISAE et du pays conformément au règlement d'ordre intérieur de l'ISAE.

Icyiciro cya 2: Abakozi bo mu buyobozi na tekini n'abakozi bunganira

Ingingo ya 52: Abakozi bo mu buyobozi na tekini

Abakozi bo mu buyobozi na tekini ni abakozi bafasha Inama Nshingwabikorwa kugera ku nshingano za ISAE.

Ingingo ya 53: Abakozi bunganira

Abakozi bunganira ni abakozi bakoreshwa na ISAE batavugwa mu ingingo ya 48 n'ya 52 z'iri tegeko.

Ingingo ya 54: Uburenganzira n'inshingano by'abakozi bo mu buyobozi na tekini n'iby'abakozi bunganira

Muri ISAE, uburenganzira n'inshingano by'abakozi bo mu buyobozi na tekini n'iby'abakozi bunganira bigengwa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta, itegeko rishyiraho amashuri makuru, amategeko agenga ISAE n'itegeko ngengamikorere ryayo.

Section 2: Administrative, technical and support staff

Article 52: Administrative and technical staff

The administrative and technical staff shall consist of employees who assist the Executive Council in achieving the mission of ISAE.

Article 53: Support staff

The support staff shall consist of employees of ISAE that are not referred to in Articles 48 and 52 of this Law.

Article 54: Rights and responsibilities of the administrative and technical and support staff

The rights and duties of the administrative, technical and support staff in ISAE shall be governed by the General Statutes for Rwanda Public Service, the Law governing higher education, the Law determining the organisation and the functioning of ISAE and its internal rules and regulations.

Section 2: Personnel administratif et technique et du personnel d'appui

Article 52: Personnel administratif et technique

Le personnel administratif et technique est le personnel qui assiste le Conseil Exécutif pour lui permettre de remplir la mission de l'ISAE.

Article 53 : Personnel d'appui

Le personnel d'appui est le personnel employé par ISAE, autre que celui mentionné aux articles 48 et 52 de la présente loi.

Article 54 : Droits et attributions du personnel administratif et technique et du personnel d'appui

Au sein de l'ISAE les droits et attributions du personnel administratif et technique et du personnel d'appui sont régis par le Statut général de la fonction publique Rwandaise, la loi portant organisation et fonctionnement de l'enseignement supérieur, la loi instituant ISAE et le règlement d'ordre intérieur de l'ISAE.

Ingingo ya 55: Imikorere n'imikoranire y'abakozi bunganira

Muri ISAE, imikorere n'imikoranire y'abakozi bavugwa mu ngingo ya 53 y'iri tegeko bigengwa n'itegeko rishyiraho imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'amashuri makuru, itegeko rishyiraho ISAE n'amategeko ngamikorere yayo.

Icyiciro cya 3: Isuzumamikorere

Ingingo ya 56: Isuzumamikorere ry'abarimu n'abashakashatsi

Abarimu n'Abashakashatsi bakorerwa buri mwaka n'igihe cyose bibaye ngombwa, isuzumamikorere hashingiwe ku ndangagaciro zigenwa n'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru.

Ingingo ya 57: Inzego z'isuzumamikorere ry'abarimu n'abashakashatsi

Isuzumamikorere ry'abarimu n'abashakashatsi rikorerwa ku rwego rw'agashami, urw'ishami n'urwa Sena Akademiki ya ISAE .

Umuyobozi w'agashami ku rwego rwa mbere, uw'ishami ku rwego rwa kabiri

Article 55: Performance and relations between the supporting staff

In ISAE, the performance and relations of staff mentioned in Article 53 of this Law shall be governed by the Law governing the organisation and functioning of Higher Education, the Law establishing ISAE and its internal rules and regulations.

Section 3: Staff evaluation

Article 56: Evaluation of teaching and research staff

The evaluation of teachers and researchers shall be carried out annually and at any time it is considered necessary, basing on standards that are established by the National Council for Higher Education.

Article 57: Evaluation organs of teaching and research staff

The evaluation of the teaching and research staff shall be carried out at the departmental, faculty and at the ISAE Academic Senate level.

The Head of department, the Dean of faculty and the Chairperson of the Academic Senate of ISAE

Article 55 : Performance et relations entre le personnel d'appui

La performance et les relations entre le personnel de l'ISAE visé à l'article 53 de la présente loi sont régies par la loi portant organisation et fonctionnement de l'enseignement supérieur, la loi portant création de l'ISAE ainsi que le règlement d'ordre intérieur de l'ISAE.

Section 3 : Evaluation des performances

Article 56 : Evaluation des performances du personnel enseignant et de recherche

Le personnel enseignant et de recherche est évalué annuellement et chaque fois que de besoin sur base des critères fixés par le Conseil National de l'Enseignement Supérieur.

Article 57: Organes d'évaluation du personnel enseignant et de recherche

Le personnel enseignant et de recherche est évalué au niveau du Département, de la Faculté et du Sénat académique de l'ISAE.

L'évaluation du personnel enseignant et de recherche est faite par le Chef de département au

n'uwa Sena Akademiki ku rwego rwa gatatu, ni bo bakora isuzumamikorere ry'abarimu n'abashakashatsi.

Abanyeshuri bagira uruhare mu isuzumamikorere mu buryo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya ISAE hashingiwe ku ndangagaciro zigenwa n'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru.

Iyo isuzumamikorere rirangiye ku rwego rwa mbere, abarimu n'abashakashatsi bamenyeshwa imyanzuro ku isuzumamikorere ryabo mu gihe kitarenze iminsi umunani (8) kugira ngo bagire icyo babivugaho mu nyandiko, bibaye ngombwa, mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) kuva babimenyeshewe.

Inama y'Ubuyobozi ya ISAE ni yo yemeza burundu imyanzuro yerekeye isuzumamikorere ry'abarimu n'abashakashatsi.

Ingingo ya 58: Isuzumamikorere ry'abakozi ba ISAE batari abarimu cyangwa abashakashatsi

Isuzumamikorere ry'abakozi ba ISAE batari abarimu cyangwa abashakashatsi rikorwa hashingiwe kuri sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzeho z'imirimo ya Leta,

shall evaluate the teaching and research staff at the first, second and third levels respectively.

The students shall participate in the evaluation process in conformity with the internal rules and regulations of ISAE, on the basis of the standards established by the National Council for Higher Education.

When the evaluation at the first level is finalised, the result shall be notified to the teaching and research staff member within a period not exceeding eight (8) days, for a written reaction thereon, where necessary, in not more than three (3) days of notification.

The Board of Directors of ISAE shall make a final decision as to the academic and research staff evaluation.

Article 58: Evaluation of non-teaching and non-research staff of ISAE

Evaluation of the non-teaching and non-research staff of ISAE shall be carried in accordance with the General Statutes for Rwanda Public Service, the Law governing public institutions, the Law

premier degré, par le Doyen de faculté au deuxième degré et par le Président du Sénat académique de l'ISAE au troisième degré.

Les étudiants participent à l'évaluation conformément au règlement d'ordre intérieur de l'ISAE, sur base des critères fixés par le Conseil National de l'Enseignement Supérieur.

Les résultats de l'évaluation au premier degré sont notifiés au personnel enseignant et de recherche endéans huit (8) jours pour commentaires par écrit, si nécessaire, endéans trois (3) jours de la notification.

Le Conseil d'Administration de l'ISAE se prononce en dernier ressort sur l'évaluation du personnel enseignant et de recherche.

Article 58: Evaluation du personnel de l'ISAE qui n'est ni enseignant ni chercheur

L'évaluation du personnel de l'ISAE qui n'est ni enseignant ni chercheur se fait conformément au Statut général de la fonction publique rwandaise, aux dispositions générales applicables aux

amategeko agenga ibigo bya Leta, itegeko rishyiraho ISAE n'amategeko nengamikorere ya ISAE.

UMUTWE WA IX: ABANYESHURI BA ISAE

Ingingo ya 59: Umunyeshuri wa ISAE

Umunyeshuri wa ISAE ni umuntu wese wemerewe na ISAE gukurikirana inyigisho itanga mu rwego rwa gahunda zisanzwe cyangwa zihariye.

Ingingo ya 60: Ibyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwiga muri ISAE

Hashingiwe ku ndangagaciro zigenwa n'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru, Inama y'Ubuyobozi ya ISAE ni yo igena ibyangombwa bisabwa kugira ngo umuntu yemererwe kwiga muri ISAE.

Ingingo ya 61: Inshingano n'uburenganzira by'umunyeshuri muri ISAE

Inshingano n'uburenganzira by'umunyeshuri muri ISAE mu byerekeye inyigisho, uburere n'imibereho myiza, bigenwa n'amabwiriza rusange agenga inyigisho n'uburere

establishing ISAE and the internal rules and regulations of ISAE.

CHAPTER IX: STUDENTS OF ISAE

Article 59: Student of ISAE

A student of ISAE shall be any person admitted by ISAE to follow ordinary or special academic programs offered by ISAE.

Article 60: Admission requirements of ISAE

Basing on the standards established by the National Council for Higher Education, the Board of Directors of ISAE shall determine the admission requirements in ISAE.

Article 61: Duties and rights of a student of ISAE

The duties and rights of a student of ISAE in relation to academic matters, discipline and social welfare shall be determined by the general regulations on academic and educational matters

établissements publics, à la loi portant création de l'ISAE et au règlement d'ordre intérieur de l'ISAE.

CHAPITRE IX: ETUDIANTS DE L'ISAE

Article 59 : Etudiant de l'ISAE

L'étudiant de l'ISAE est toute personne admise par l'ISAE pour suivre les études selon le programme ordinaire ou le programme spécial.

Article 60 : Conditions d'admission à l'ISAE

Sur base de critères fixés par le Conseil National de l'Enseignement Supérieur, le Conseil d'Administration de l'ISAE détermine les conditions d'admission à l'ISAE.

Article 61: Obligations et droits d'un étudiant de l'ISAE

Les droits et les obligations de l'étudiant à l'ISAE relatifs à l'enseignement, à l'éducation et au bien-être sont définis par les règlements généraux régissant l'enseignement et l'éducation

| | | |
|--|--|--|
| n'agenga imibereho myiza y'abanyeshuri muri ISAE | and as well as rules governing the students social welfare in ISAE. | et ceux régissant le bien-être des étudiants à l'ISAE. |
| <u>UMUTWE X: UMUTUNGO WA ISAE</u> | <u>CHAPTER X: ASSETS OF ISAE</u> | <u>CHAPITRE X: PATRIMOINE DE L'ISAE</u> |
| <u>Ingingo ya 62: Ibigize umutungo wa ISAE n'aho ukomoka</u> | <u>Article 62: Composition and source of assets of ISAE</u> | <u>Article 62: Composition et source du patrimoine de l'ISAE</u> |
| Umutungo wa ISAE ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. | The assets of ISAE are comprised of movable and immovable assets. | Le patrimoine de l'ISAE est composé de biens meubles et immeubles. |
| Umutungo wa ISAE ukomoka aha hakurikira: | The assets of ISAE comes from the following sources: | Le patrimoine de l'ISAE provient des sources suivantes : |
| 1° ingengo y'imari ya Leta; | 1 ° State budget; | 1° les dotations budgétaires de l'Etat; |
| 2 ° amafaranga yinjiye akomoka ku mirimo n'ibikorwa binyuranye bya ISAE; | 2 ° revenues from various services of ISAE; | 2° le produit des services et activités divers prestés par l'ISAE; |
| 3° amafaranga akomoka ku bushakashatsi n'ubugishwanama; | 3 ° funds from research and consultancy; | 3° les revenus des services de recherche et de consultance ; |
| 4 ° amafaranga yishyurwa n'abanyeshuri; | 4 ° fees paid by students; | 4° les frais payés par les étudiants; |
| 5 ° inkunga, impano n'indagano. | 5 ° aid, donation and bequests. | 5° les subventions, dons et legs. |
| <u>Ingingo ya 63: Iyemezwa n'icungwa ry'ingengo y'imari ya ISAE</u> | <u>Article 63: Approval of the assets of ISAE</u> | <u>Article 63 : Adoption et gestion du budget de l'ISAE</u> |
| Ingengo y'imari ya ISAE yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga. | The Budget of ISAE shall be approved and managed in accordance with relevant Laws. | Le budget de l'ISAE est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière. |
| <u>Ingingo ya 64: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa ISAE</u> | <u>Article 64: Use, management and audit of the assets of ISAE</u> | <u>Article 64: Utilisation, gestion et audit du patrimoine de l'ISAE</u> |
| Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire | The use, management and audit of the assets of | L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de l'ISAE sont effectués conformément aux |

by'umutungo wa ISAE bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga. Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri muni ry'imikoreshereze y'umutungo wa ISAE buha raporo inama y'ubuyobozi bukagera kopi umuyobozi wa ISAE.

Ingingo ya 65: Igihe raporo y'ubugenzuzi bw'imari igomba gushyikirizwa Minisitiri ufite amashuri makuru mu nshingano ze

Raporo y'ubugenzuzi bwite bw'imari ishyikirizwa Minisitiri ufite amashuri makuru mu nshingano ze mu gihe kitarenze amezi atatu (3) kuva umwaka w'ibaruramari ukurikira uwagenzuwe utangiye.

Ingingo ya 66: Ishora ry'imari ya ISAE mu mishinga ibyara inyungu

Inama y'Ubuyobozi ya ISAE igena uburyo bwo gushora imari yayo mu mishinga ibyara inyungu hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

ISAE shall be carried out in accordance with relevant Laws. The service responsible for the daily auditing of the use of the assets of ISAE shall submit a report to the Board of Directors and reserve a copy to the Rector of ISAE

Article 65: Period of submission of an audit report to the Minister in charge of Higher learning Education

The auditing report shall be submitted to the Minister in charge of higher learning education not later than three (3) months of the beginning of the new financial year.

Article 66: ISAE investments in income generating projects

ISAE Board of Directors shall determine the modalities of investing in income generating projects in consideration of provisions of the Law.

dispositions légales en la matière. Le service d'audit interne de l'ISAE transmet son rapport au Conseil d'Administration et réserve copie au Recteur de l'ISAE.

Article 65 : Délai de soumission du rapport d'audit des finances au Ministre ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions

Le rapport d'audit des finances est soumis au Ministre ayant l'enseignement supérieur dans ses attributions endéans trois (3) mois à compter du début de l'exercice financier suivant.

Article 66: Investissement des fonds de l'ISAE dans des projets générateurs de revenus

Le Conseil d'Administration de l'ISAE définit les modalités d'investissement des fonds de l'ISAE dans des projets générateurs de revenus conformément à la loi.

UMUTWE WA XI: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA

Ingingo ya 67: Perezida w'icyubahiro wa ISAE

Minisitiri ufite Amashuri Makuru mu nshingano ze ni we Perezida w'icyubahiro wa ISAE.

Ayobora imihango yo gutangiza umwaka wa ISAE. Ayobora kandi imihango yo gutanga impamyabumenyi muri ISAE. Icyakora iyo adahari asimburwa na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi wa ISAE.

Ingingo ya 68: Uburenganzira bw'abakozi n'abanyeshuri ba ISAE mu gushinga amashyirahamwe muri ISAE

Abakozi n'abanyeshuri ba ISAE bemerewe gushinga amashyirahamwe muri ISAE mu gihe bitanyuranyije n'amategeko.

Ingingo ya 69: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

CHAPTER XI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

Article 67: President of Honor of ISAE

The Minister in charge of Higher Education is the President of honor of ISAE.

He/she shall preside over the academic year opening ceremonies. He/she shall also preside over graduation ceremonies in ISAE. In case the Minister is absent, the President of the Board of Directors shall replace him/her.

Article 68: Rights of staff and students of ISAE to form associations

The staff members and students of ISAE shall be free to form associations in ISAE in case it is not contrary to the Law.

Article 69: Repealing of inconsistent provisions

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

CHAPITRE XI: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES

Article 67: Président d'Honneur de l'ISAE

Le Ministre ayant l'Enseignement Supérieur dans ses attributions est le Président d'honneur de l'ISAE.

Il préside à la cérémonie d'ouverture de l'année académique de l'ISAE. Il dirige aussi les cérémonies de collation de grades à l'ISAE. Toutefois, en cas d'absence ou d'empêchement, il est remplacé par le Président du Conseil d'Administration de l'ISAE.

Article 68: Droit de formation des associations au sein de l'ISAE par le personnel et les étudiants

Le personnel et les étudiants de l'ISAE ont le droit de former au sein de l'ISAE des associations pour autant que celles-ci ne sont pas contraires à la loi.

Article 69: Disposition Abrogatoire

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 70: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 09/09/2008

**Perezida wa Repubulika
KAGAME Paul
(sé)**

**Minisitiri w'Intebe
MAKUZA Bernard
(sé)**

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

**Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru
ya Leta
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)**

Article 70: Commencement

This Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 09/09/2008

**The President of the Republic
KAGAME Paul
(sé)**

**The Prime Minister
MAKUZA Bernard
(sé)**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

**The Minister of Justice / Attorney General
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)**

Article 70 : Entrée en vigueur de la loi

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 09/09/2008

**Le Président de la République
KAGAME Paul
(sé)**

**Le Premier Ministre
MAKUZA Bernard
(sé)**

Vu et scellé du Sceau de la République:

**Le Ministre de la Justice / Garde des Sceaux
KARUGARAMA Tharcisse
(sé)**